

REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'UBUREZI



**INTEGANYANYIGISHO Y'AMASOMO
MBONEZAMUBANO N'UBUMENYI
BW'IYOBOKAMANA P1-P3**

Kigali, 2015

**INTEGANYANYIGISHO Y'AMASOMO
MBONEZAMUBANO N'UBUMENYI
BW'IYOBOKAMANA**

P1-p3

Kigali,2015

© 2015 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

Uburenganzira bw'umuhanzi:

Iyi nteganyanyigisho ni umutungo w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

IJAMBO RY'IBANZE

Mu rwego rwo gushimangira imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi bw'uwiga, Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) gishimishijwe no gushyira ahagaragara integanyanyigisho nshya izakoreshwa mu gihugu hose. Iyi nteganyanyigisho igamije gutanga uburezi buboneye kandi bufite ireme mu byiciro by'uburezi rusange mu mashuri yose y'u Rwanda. Poritiki y'uburezi mu Rwanda ni uguha urubyiruko mu byiciro byose by'uburezi amahirwe yose mu byerekeye ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya bikwiriye birutegurira kugira uruhare mu iterambere ry'umuryango ndetse no guhabwa amahirwe yo kwihangira umurimo.

Kugira ngo hanozwe ireme ry'uburezi, Leta y'u Rwanda yashyize imbaraga mu ivugurura ry'integanyanyigisho ku buryo imyigire n'imyigishirize ndetse n'isuzuma bigira uruhare rugaragara mu kurema Umunyarwanda igihugu gikeneye. Mu rwego rwo kubaka umuryango ushingiyeye ku bushobozi, byabaye ngombwa ko hakorwa integanyanyigisho ishingiyeye ku guha abiga ubushobozi bukenewe kugira ngo bashobore gupigana ku isoko ry'umurimo haba mu karere u Rwanda ruherereyemo cyangwa ku rwego mpuzamahanga. Mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi nteganyanyigisho, abanyeshuri bazagira uruhare rugaragara mu myigire bityo bagire ubushobozi butuma bashobora guhuza ibyo bize n'ubuzima bwa buri muni. Ibi bizatuma bo ubwabo bigirira akamaro kandi banateze igihugu cyabo imbere.

Turashimira byimazeyo abafatanyabikorwa n'abaterankunga bagize uruhare mu ivugurura ry'iyi nteganyanyigisho kuva igikorwa gitangira kugeza kirangiye. Tuboneyeho kandi gusaba abazakoresha iyi nteganyanyigisho gutanga ibitekerezo byatuma irushaho kunozwa.

GASANA I. Janvier

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'iyi nteganyanyigisho. Ntabwo iyi nteganyanyigisho yashoboraga gukorwa uko bikwiye iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi ndetse n'abaterankunga. Nejejwe no gushima ubufatanye n'ubwitange batugararije.

Mbere na mbere ndashimira inzego nkuru zishinzwe uburezi mu Rwanda zakurikiraniye hafi umurimo wo kuvugurura integanyanyigisho ndetse n'abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda bagize uruhare mu itegurwa n'iyandikwa ry'iyi nteganyanyigisho. Harashimirwa kandi abarimu bigisha kuva mu mashuri y'inshuke, abanza, ayisumbuye na kaminuza bitanze batizigama kugira ngo iyi nteganyanyigisho ishobore kujya ahagaragara.

Ndashimira imiryango nterankunga mu burezi nka UNICEF, UNFPA, DFID, AFR kubera inkunga mu rwego rw'imari na tekini batanze mu ivugurura ry'iyi nteganyanyigisho. Ndashimira kandi uruhare rw'abafatanyabikorwa mu burezi nk'Itorero ry'Igihugu, Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiye, CNLG, GMO, RBS, REMA, WDA, MINECOFIN, AEGIS Trust, Handicap International, Wellspring Foundation, Right to Play, MEDISAR, EDC/L3, EDC/Akazi Kanoze, Save the Children n'Imiryango ishingiyeye ku kwemera mu iyandikwa ry'iyi nteganyanyigisho. Byongeyekandi ndashimira impuguke mpuzamahanga ndetse n'iz'Abanyarwanda bitanze kugira ngo iyi nteganyanyigisho ishobore gutegurwa no kwandikwa.

Iyi nteganyanyigisho ni umusaruro w'ubufatanye n'ubwitange bya buri wese mu bitabiriye iki gikorwa.

Dr. MUSABE Joyce

Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho muri REB

IGICE CYA MBERE AMASOMO MBONEZAMUBANO

Abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda

- Dr. MUSABE Joyce, Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho.
- GATERA Augustin, Umuyobozi w'Itsinda ry'Indimi n'Ubumenyamuntu.
- BACUMUWENDA Nehemiah, ushinzwe ireme ry'integanyanyigisho n'imfashanyigisho mu Itsinda ry'Indimi n'Ubumenyamuntu.
- MUKAYIREGE Julienne , Umuteganyanyigisho w'Amasomo mbonezamubano,

Abarimu

- BUZAALE Gershom (Kigali Parents School)
- HATANGIMANA Jean Baptiste (GS Shyogo)
- MANIRAFASHA François Xavier (GS Rugando)
- NSABIMANA Benjamin (Ecole Internationale de Kigali)

Abandi bagize uruhare mu itegurwa ry'iyi nteganyanyigisho

- MURENZI Emmanuel (International Education Exchange)

Uwanonosoye integanyanyigisho

MUSABYIMANA Thacien (UR , College of Education)

TABLE OF CONTENTS

IGICE CYA MBERE AMASOMO MBONEZAMUBANO.....	v
URUTONDE RW'ABAGIZE URUHARE MU ITEGURWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO	vii
1.INTANGIRIRO.....	1
1.1. ISOBANURAMPAMVU.....	1
1.2 Akamaro k'inyigisho y'amasomo mbonezamubano	1
1.2.1 Akamaro k'amasomo mbonezamubano kuri sosiyete nyarwanda.....	1
1.2.2 Akamaro k'amasomo mbonezamubano ku munyeshuri.....	1
1.2.3 Ubushobozi.....	2
2. Imbonezamasomo mu kwigisha amasomo mbonezamubano.....	4
2.1. Uruhare rw'umunyeshuri.....	4
2.2 Uruhare rwa mwarimu.....	7
2.3 Uburezi bw'abafite ibibazo byihariye n'imyigishirize idaheza	8
3. ISUZUMA/ IGENZURA.....	9
3.1 Isuzuma mbere y'imyigire:	9
3.2. Isuzuma mu gihe cy'imyigire	9
3.3 Isuzuma nyuma y'imyigire:.....	10
4.IMFASHANYIGISHO	11

4.1 Abantu.....	11
4.2 Ibidukikije.....	11
4.3 Izindi mfashanyigisho	11
5. AMASOMO Y'INTEGENYANYIGISHO	13
5.1 Imiterere y'integanyanyigisho.....	13
5.2 Umwaka wa mbere	13
5.2.1 Intego rusange z'umwaka wa mbere.....	13
5.3 Umwaka wa kabiri	37
5.3.1 Intego rusange z'umwaka wa kabiri.....	37
5.3.2 Urutonde rw'amasomo y'umwaka wa kabiri.....	37
5.4 . Umwaka wa gatatu.....	54
5.4.1 Intego rusange z'umwaka wa Gatatu.....	54
6. IBYIFASHISHIJE MU GUTEGURA IYI NTEGANYANYIGISHO	73
6.1 Inyandiko.....	73
6.2. Poritiki z'uburezi.....	75
6.3. Imbuga nkoranyambaga.....	76
IGICE CYA KABIRI : UBUMENYI BW'IYOBOKAMANA	77
URUTONDE RW'ABAGIZE URUHARE MU ITEGURWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO	78
1. INTANGIRIRO	79

1.1. Imvano y'ivugurura ry'integanyanyigisho.....	79
1.2. Impamvu zo kwigisha no kwiga Ubumenyi bw'iyobokamana	79
1.2.1. Ubumenyi bw'iyobokamana n'Umuryango Nyarwanda.....	79
1.2.1 Akamaro k'ubumenyi bw'iyobokamana ku munyeshuri.....	80
1.2.3 Ubushobozi.....	81
2. IMBONEZAMASOMO.....	84
2.1. Uruhare rw`umwarimu	85
2.2. Uruhare rw`umunyeshuri	86
3. ISUZUMA.....	87
3.1 Isuzuma ry'intego z'isomo	87
3.2. Kubika inyandiko igaragaza ibyavuye mu isuzuma	89
3.3. Gutegura ibibazo by'isuzuma rikomatanya	90
3.4. Imiterere y'ibigomba gusuzumwa mu nyigisho y'iyobokamana	91
3.5. Gukorera ababyeyi raporo y'isuzuma	91
5. IMITERERE Y'IYI NTEGANYANYIGISHO	93
IYOBOKAMANA RYA GIKIRISITU	95
5.1 integanyanyigisho y'iyobokamana rya Gikirisitu umwaka wa mbere	97
5.1.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe.....	97
5.2 integanyanyigisho y'iyobokamana rya Gikirisitu umwaka wa Kabiri.....	106

5.2.1 Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe.....	106
5.2.2 Imitwe igize integanyanyigisho y’Iyobokamana rya Gikirisitu umwaka wa kabiri.....	107
5.3 integanyanyigisho y’Iyobokamana rya Gikirisitu umwaka wa Gatatu	117
5.3.1 Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe.....	117
5.3.2 Imitwe igize integanyanyigisho y’Iyobokamana rya Gikirisitu umwaka wa mbere.....	118
IYOBOKAMA RYA KIYISILAMU	131
5.4 Iyobokamana rya Kiyisilamu umwaka wa Mbere	132
5.4.1 Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe.....	132
5.4.2 Imitwe igize integanyanyigisho y’Iyobokamana rya Kiyisilamu umwaka wa mbere.....	133
5.5 Integanyanyigisho y’Iyobokamana rya Kiyisilamu: umwaka wa Kabiri	143
5.5.1 Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe.....	143
5.5.2 Imitwe igize integanyanyigisho y’Iyobokamana rya Gikirisitu umwaka wa mbere.....	144
5.6 integanyanyigisho y’Iyobokamana rya Kiyisilamu umwaka wa Gatatu.....	154
5.6.1 Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe.....	154
5.6.2 Imitwe igize integanyanyigisho y’Iyobokamana rya Kiyisilamu umwaka wa gatatu.....	155
6. INDANGABITABO.....	165
7. IMIGEREKA.....	167

1.INTANGIRIRO

1.1. ISOBANURAMPAMVU

Iyi nteganyanyigisho y'amasomo mbonezamubano agenewe kwigishwa mu burezi bw'ibanze mu Rwanda uhereye mu mwaka wa mbere ukagera mu mwaka wa gatatu yakozwe ku buryo bwagutse hitawe ku nyurabwenge, ku myumvire no ku byo abaturage b'igihugu bakeneye. Ni umusingi w'amasomo yose y'ubumenyamuntu ushimangira indangagaciro z'umunyarwanda.

Ishingiye kandi ku gitekerezo cyo guhuza integanyanyisho z'Amashuri Abanza yo mu Rwanda n'iz'ibindi bihugu cyane cyane iz'ibihugu bigize Umuryango Nyafurika w'Iburasirazuba.

1.2 Akamaro k'inyigisho y'amasomo mbonezamubano

1.2.1 Akamaro k'amasomo mbonezamubano kuri sosiyete nyarwanda

Amasomo mbonezamubano akubiyemo inyigisho kuri "Ndi umunyarwanda ",Itorero ry'igihugu, Ubuzima bw'imyororokere , Kubungabunga ibidukikije, Kwizigamira, uburinganire, SIDA, Isuku, Umuco w'amahoro n'iterembare, uburezi budaheza n'ikorabuhanga, ubumwe n'ubworoherane

1.2.2 Akamaro k'amasomo mbonezamubano ku munyeshuri

Amasomo mbonezamubano atuma umunyeshuri agira amatsiko yo gusobanukirwa n'abaturage, imibereho y'abantu n'ibidukikije. Muri iyi nteganyanyigisho nshya azagira ubushishozi, ubushakashatsi, ubumenyingingiro ,ubukeshya n'ubushobozi bityo akazabasha kugaragaza ibyo ashoboye gukora aho kugaragaza gusa ubumenyi nkuko byari bimeze mu nteganyanyigisho yari imaze igihe ikoreshwa.

1.2.3 Ubushobozi

Aya masomo mbonezamubano mu cyerekezo gishya afasha abanyeshuri gucengera byimbitse amasomo biga kandi ibyo bize bakabishyira mu bikorwa. Babasha kugira ubukeshya n'umumenyiringiro bikenewe ku isoko ry'umurimo bityo bagateza igihugu cyabo imbere. Bumwe mu bukesha n'ubushobozi bazagira ni :

Ubushobozi fatizo

- Ubushishozi (uruhare rw'umugore mu iterambere ry'igihugu..)
- Ubushakashatsi no gukemura ibibazo (iyo batara amakuru arebana n'amateka,
- imyemerere...)
- Guhanga udushya (kwikorera agashinga kabyara inyungu(ntibigaragara mu ntego), kwikorera ibikoresho
- byo ku ishuri no mu rugo..)
- Gushyikirana n'abandi (kujya impaka, gukora inkuru,...)
- Kubasha guhora yiyungura ubumenyi mu buzima bwe bwose no mu kazi ke.

Intego zagutse z'amasomo mbonezamubano

Intego z'iyi ntegyanyigisho y'amasomo mbonezamubano mu cyiciro cya mbere ni

- Gufasha umunyeshuri kumva impamvu ari ngombwa kuba umuturage mwiza, ufite imigenzo myiza ishingiyeye ku ndangagaciro nyarwanda na kirazira .
- Gufasha umunyeshuri kumva ko hatagomba kubaho kubangamirana hagati y'abantu n'ibidukikije n'ingaruka nziza zabyo ku buzima bw'abantu.

- Kumvisha umunyeshuri akamaro k'ubuhinzi, inganda n'ubukerarugendo mu kongera umutungo w'urugo, w'umuryango n'uw'igihugu.
- Gufasha umunyeshuri kugira umutima wo gukunda umurimo no kuwukora neza afatanya n'abandi.
- Gutoza umunyeshuri kugira umuco wo kwitekerereza no gushishoza.
- Guha umunyeshuri ubumenyi bw'ibanze mu byerekeye icungamutungo
- Gutoza guhangana (mu kigero cye) n'ibibazo by'igihugu nka Sida, kwangirika kw'ibidukikije, ubwiyongere bukabije bw'abaturage, uburinganire no kurengera uburenganzira bwa muntu n'ubw'umwana.
- Gufasha uwiga kumva aho u Rwanda ruhuriye n'ibindi bihugu haba mu karere ruherereyemo, haba muri poritiki poritiki no mu iterambere

Uko amasomo mbonezamubano yubaka ubushobozi

Amasomo mbonezamubano atoza abanyeshuri kwiwigisha bakora ubushakashatsi, bitegereza, bakorera mu matsinda, bakavumbura ibyigwa bagenewe babigizemo uruhare runini. Bitoza imigenzo myiza yiganjemo indangagaciro nyarwanda bashungura ibyiza by'umuco wacu. Bahabwa ubushobozi bwo gushishoza mbere yo gukora icyo ari cyo cyose, kwibwiriza no guhanga udushya.

2. Imbonezamasomo mu kwigisha amasomo mbonezamubano

Imiterere y'isomo rigomba kwigishwa akenshi ikunze kuba ari yo igena uburyo bugomba gukoreshwa mu kuryigisha. Ibi bikaba ari umwihariko w'inyigisho mbonezamubano.

Kubera ko inyigisho mbonezamubano zishingiye ku nyigo y'imibereho y'abantu n'ibidukikije, umwigisha agomba gufasha uwiga kuvumbura ibyo agiye kwiga, gushakashaka, kuganira n'abandi, kujya impaka bityo akagira uruhare runini ku myigire ye.

2.1. Uruhare rw'umunyeshuri

Agomba kugira ubushobozi mu gusesengura, gushishoza, gusabana no gukora wenyine cyangwa mu matsinda.

Gukorera mu matsinda bifasha umunyeshuri :

- Kwiyumvisha uruhare rwa buri wese (uburinganire).
- Kwigirira icyizere.
- Kubana neza na bagenzi be basangiye itsinda.

- Kubaha ibitekerezo by'abandi no kwemera ubwuzuzanye.
- Kwifatanya n'abandi mu gutunganya umurimo bahawe.
- Kungurana ibitekerezo mu mahoro n'ubwumvikane.

Anketi: - Ubu buryo ni ingirakamaro mu masomo mbonezamubano.

- Umunyeshuri agiramo uruhare runini kuko ari we ushakashaka, akavumbura, akiyungura ubumenyi, ubukeshya, imico myiza n'imyitwarire.
- Umwigisha arashishikaza, akayobora kandi agakurikirana ibikorwa by'umunyeshuri.
- Ubu buryo busaba kwifashisha ibitangazamakuru, ibitabo, amashusho n'ibishushanyo.

Umushinga

- Ahanini umunyeshuri ahabwa umurimo/igikorwa cyo gukora.
- Imishinga ntinganya uburemere n'igihe ariko iba ikwiranye n'ikigero ndetse n'ubushobozi bw'umunyeshuri.
- Buri gihe mwarimu afasha kandi ayobora umunyeshuri kugira ngo akore umurimo we neza.
- Umunyeshuri yifashisha ishuri, aho atuye n'ahandi.

Urugero: inzibutso, inzu ndangamurage, amasomero, inkiko gacaca n'ibindi...

Gukorera mu matsinda

- Mwarimu akora amatsinda y'abana bavangavanze, batanganya ubushobozi/ubwenge.
- Buri tsinda rihabwa umurimo waryo.

- Muri icyo mirimo twavugaga nko: kujya impaka, gusura umudugudu, segiteri, akarere, intara, ahantu ho ku rwego rw'igihugu, inkiko gacaca, inzibutso...,
- Gusoma no gusesengura ikarita.
- Abanyeshuri b'abanebwe cyangwa badashabutse baterwa umwete na bagenzi babo b'inkwakuzi bari kumwe mu itsinda.
- Mu mirimo y'amatsinda, haba ubwuzuzanye, butuma imyigire yoroheye kandi ikaba myiza kurusha ko mwarimu yaba ariwe ukora wenyine.

Kujya impaka

Ubu buryo ni ingenzi kandi bugira akamaro mu masomo mbonezamubano ariko busaba gutegurwa neza no kugenzurwa. Bitabaye ibyo habaho gutakaza umwanya ku ruhande rwa mwarimu n'abo yigisha.

Dore inama zakurikizwa kugira ngo bitegurwe kandi bigende neza:

- Impaka zigibwa ku kintu abana bazi neza kandi gisobanutse.
- Abanyeshuri bose bagomba gushishikarizwa kujya impaka.
- Ibisubizo/ ingingo bitanzwe neza byumvikana ni byo byemerwa.
- Agaciro gahabwa ibisubizo biri byo.
- Ibisubizo birimo amakosa birakirwa ariko bigakosorwa.
- Mwarimu abaza ibibazo bifasha abanyeshuri kugera ku bisubizo biri byo.
- Ibisubizo byemejwe bishyirwa ku kibaho bikavamo incamake y'ibyo bize.

Kwitoza no gusubiramo

- Ubu buryo burihariye kandi bwuzuzwa bwavuzwe haruguru.
- Bugamije gufasha umunyeshuri gusubira mu byo yize, kubishyira mu bikorwa no kubisobanukirwa neza.
- Kwitoza(gushyira mu bikorwa) no gusubiramo bifasha umunyeshuri kubona ibyo atumvise neza. Ibyamucitse, bityo akagira ubumenyi bwuzuye bw'ibyo yigishijwe.

2.2 Uruhare rwa mwarimu

Impinduka izazanwa n'integanyigisho ivuguruye, ishingiyeye ku bushobozi, igaragaza ihinduka ry'uruhare rwa mwarimu mu myigishirize. Umurezi azareka uburyo bw'imyigishirize ishaje yo kuba ipfundo rya byose ahubwo azabe umwunganizi, aje ayobora umunyeshuri mu myigire ye, aha agaciro ibifitiye umunyeshuri akamaro n'ibindi akeneye .

- Umwarimu areba uburyo bukwiye bwo gutegura ishuri rye, uko yica abanyeshuri, uko abatondeka cyangwa abashyira mu matsinda ku buryo buri wese agira uruhare mu bikorwa mu isomo no mu byigisho runaka.
- Umwarimu ayobora abanyeshuri mu gukoresha neza imfashanyigisho: ibitabo, amakarita, amashusho..., mu gukora ubushakashatsi buri ku kigero cyabo, mu kujya impaka, mu buryo bunoze bwo gufata ibitekerezo n'ingingo z'ingenzi z'ibyo bakoze n'uko babigaragariza abandi mu ishuri.
- Umwarimu yunganira abafite ingorane izo ari zo zose mu myigire yabo (Abagenda buhoro, abandika buhoro, abafata mu mutwe batinze, abihuta kurusha abandi, abafite ubumuga bw'ingingo...abategurira imyitozo bashoboye , akanabyitaho mu gutanga imirimo.

2.3 Uburezi bw'abafite ibibazo byihariye n'imyigishirize idaheza

Abanyarwanda bose bafite uburenganzira bungana ku burezi. Ni muri urwo rwego ishyirwamubikorwa ry'iyi ntegenyanyigisho rigomba kuzita ku burezi budaheza bita ku bana bafite ubumuga bwihariye. Ikibazo kigaragara ni uko mu banyeshuri habamo abafite imibereho itandukanye n'iy'abandi bitewe n'ibibazo by'imikorere y'ingingo z'umubiri, iby'imikorere y'ubwonko cyangwa iby'ukuntu bagaragaza imbamutima zabo. Abo bose bagomba kwitabwaho by'umwihariko mu myigire yabo.

Uruhare rw'ishuri n'urw'umwarimu ni urwo gushaka uburyo bukwiye bwo gufasha abo bana hitabwa ku bibazo bafite kugira ngo na bo bakurikire amasomo nk'abandi nta mbogamizi. Bityo bagashakirwa ibikoresho n'imfashanyigisho byabo byihariye . Ikindi ni uko mu gihe cy'isuzuma nabwo hagomba kwitabwa ku bibazo byihariye by'abo bana.

Inyoborabarezi ireba buri kiciro cy'abafite ubumuga zarateganyijwe mu rwego rwo gufasha abarimu kunoza imyigishirize .

3. ISUZUMA/ IGENZURA

3.1 Isuzuma mbere y’imyigire: rikorwa hagamijwe kumenya niba nta nyigisho abana baba baracikanwe mu cyiciro kibanziriza icyo bagezemo cyangwa umwaka ubanziriza uwo bagiyemo. Bigafasha no kumenya aho bafite ingorane zababuza gukurikira neza inyigisho bagezeho.

3.2. Isuzuma mu gihe cy’imyigire rikorwa umwarimu yitegereza buri munsu uko umunyeshuri yiyungura ubumenyi, uko ashyira mu bikorwa ibyo asabwa byose, uko ahindura imyitwarire, uko abana na bagenzi be (baba bakina, baganira , bajya impaka, bakemura ikibazo runaka ...)

Isuzuma ry’intego z’isomo:

Mbere yo gutanga isomo, umwarimu akena intego ashaka kugeraho, bityo agateganya n’uburyo bw’isuzuma kugira ngo amenye niba koko intego zagezweho by’ukuri, bikaba byatuma yigisha isomo rishya cyangwa agasubiramo ibitarumvikanye neza. Umwarimu urangije gutanga isomo rye atanga imyitozo igamije kureba niba intego yihaye zagezweho. Intego z’isomo zigaragazwa n’ibyo umunyeshuri yungutse. Intego z’isomo ziteganyaga kandi ingingo umwarimu aheraho asuzuma isomo yatanze n’ibituma zigerwaho.

Isuzuma ryo kugorora imyigishirize:

Iri suzuma rikorwa nyuma yo kwigisha umutwe wose cyangwa nyuma yo kurangiza kwiga ikigwa runaka. Ibi umwarimu abikora agamije kumenya ko intego z’amasomo ye zagezweho ahereye ku byo abanyeshuri bazi gukora. Iyo asanze hari ikibazo bafite, ashaka impamvu zabiteye bityo agahindura imyigishirize ye cyangwa agasubira mu masomo abona bafitemo ingorane

kugira ngo inyigisho zumvikane kurushaho. Mu Masomo mbonezamubano imyitoto y'isuzuma igomba gufasha abanyeshuri gushakashaka, kwitegereza, gusobanura neza ibyo bungutse. Imyitoto yo kujya impaka, gusobanurira abandi ibyo babonye mu bushakashatsi, itinyura abanyeshuri, ikabafasha kwiyigisha, kwitoza kuvuga neza no gucengera ibyigwa nta ngorane.

Buri ntego igomba kugira isuzuma, mu ntera zose zituma igerwaho. Isuzuma rero rihoraho mu nyigisho (imikoro, amarushanwa, isiganuza, ubushakashatsi,ibizamini....).

3.3 Isuzuma nyuma y'imyigire:

Iri suzuma rikorwa nyuma y' igihe runaka cyo kwiga, ryo rireba muri rusange niba umunyeshuri ashobora kujya mu kiciro gikurikiyeho.

Isuzuma rigamije kumenya intera abanyeshuri bagezeho:

Umwarimu ateganya amasuzuma anyuranye nyuma y'igihe runaka nk'igihembwe cyangwa umwaka kugira ngo arebe muri rusange ubushobozi umunyeshuri afite akurikije intego rusange yari yihaye. Nyuma y'iri suzuma ni bwo hakorwa urutonde rw'abanyeshuri hakurikijwe amanota bagize kandi agashyirwa ku ndangamanota.

Icyitonderwa :

- ibyavuye muri buri suzuma bigomba kwandikwa mu gitabo kigaragaza uko buri mwana atera imbere
- Bibikwa neza kandi bikamenyeshwa n'ababyeyi

4.IMFASHANYIGISHO

4.1 Abantu

Kubera ko amasomo mbonezamubano yigisha imibereho n'imibanire y'abantu ndetse n'aho baba, imfashanyigisho ya mbere kandi y'ingirakamaro ni abantu ubwabo n'ibiboneka aho baba.

4.2 Ibidukikije

Mwarimu n'abanyeshuri bifashisha ibidukikije (abantu n'ibintu) by'aho batuye. Muri byo dusangamo:

Abantu b'inararibonye, amasoko, amazu, ibihingwa, ibimera, ibiyaga, imigezi n'inzuzi, imisozi, ibibaya, insengeru, inyamaswa/ Amatungo, amasomero, insisiro z'ubuyobozi, amavuriro, ibitaro, ibigo nderabuzima, amazu ndangamurage, amazu y'ubuyobozi, ibyanya (Akagera, Nyungwe, ibirunga), inganda, inzuri za kijyambere, ahantu hakorerwa iby'iteganyagihe, amashyamba kimeza inzibutso, ahantu nyaburanga hanyuranye.

4.3 Izindi mfashanyigisho ni:

Ibitabo by'inyigisho, ibitabo binyuranye, amashusho, amofoto, amakarita, ibihangano, ibishushanyo, filimi, videwo, radiyo, tereviziyo, terefoni, mudasobwa, murandasi.

4.4 Ibisabwa umwarimu w'amasomo mbonezamubano

Umwarimu w'amasomo mbonezamubano agomba kugendana n'ibihe: guhora ashakashaka uburyo bugezweho bwo kwigisha n'imfashanyigisho zigezweho akaba kandi asabwa kugira ubumenyingiro bukurikira:

- Kugira impamyabushobozi mu kwigisha amasomo mbonezamubano.
- Gutegura no gutunganya ishuri rye ku buryo abanyeshuri biga bisanzuye.
- Gufasha abanyeshuri kwiga bashishikaye, buri wese akagira uruhare mu myigire ye nta nzitizi cyangwa imbogamizi izo ari zo zose;(abafite ubumuga bw'ingigo, abiga buhoro, abafite impano yo kwiga vuba cyane ...).
- Gushishikariza abanyeshuri kwigira mu mutuzo, bubaha ibitekerezo bya bagenzi babo.
- Gukundisha abanyeshuri kwiga bashyizeho umwete, bakunda umurimo nta gusigana cyangwa kwiganyiriza, bagira ishyaka ryo kunoza ibyo bakora.
- Gutoza abanyeshuri be kugira imyitwarire iboneye yuje ubupfura.
- Kubamenyereza gusobanuzwa, gushakashaka, kubaza ibyo batumva cyangwa batazi.
- Gufasha abana bafite ubumuga butandukanye kwiga biboroheye hakoreshejwe uburyo bwabigenewe.
- Gukoresha uko bikwiye imfashanyigisho n'integanyanyigisho.

5. AMASOMO Y'INTEGENYANYIGISHO

5.1 Imiterere y'integanyanyigisho

Mu ntangiriro y'iyi nteganyanyigisho hari iriburiro, intego rusange n'imbenezamasomo by'ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza. Ibyigwa muri buri mwaka bikubiye mu mitwe inyuranye. Ibyigwa mu mwaka wa mbere bikubiye mu mitwe cumi n'ibiri naho mu mwaka wa kabiri n'uwa gatatu biri mu mitwe icyenda muri buri mwaka.

Buri mutwe ugira ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe kugerwaho umutwe wose umaze kwigwa. Kugira ngo ubwo bushobozi bugerweho, hari intego z'ubumenyi, z'ubumenyi ngiro n'iz'ubukeshya bifasha umwarimu mu gutegura no gutanga isomo rye ashingiye ku byigwa binyuranye bikubiye mu nsanganyamatsiko iri mu mutwe.

Ibyigwa bya buri mwaka bigiye bigaragazwa mu mbonerahamwe y'urutonde rw'amasomo y'uwo mwaka

5.2 Umwaka wa mbere

5.2.1 Intego rusange z'umwaka wa mbere

- Gusobanukirwa imiterere y'umuryango abamo.
- Kwimakaza umuco w'amahoro n'uburenganzira bwa muntu mu muryango.
- Kurangwa n'imyitwarire iboneye aho ari hose.
- Guharanira imibereho myiza y'umuryango.
- Gusobanukirwa ubukungu bw'umuryango.
- Kugira ubumenyi ku burere mboneragihugu, ubumenyi bw'isi n'amateka.

INYIGISHO: AMASOMO MBONEZAMUBANO

Imbumbanyigisho : IMITERERE Y'UMURYANGO			Inyigisho:UMURYANGO MUTO	
Umwaka wa 1			Umutwe wa 1: UMURYANGO WANJYE	Umubare w'amasomo: 15
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe :gusobanura imiterere y'umuryango we n'imibereho yawo				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
-Gutandukanya amoko y'inyubako zo mu rugo iwabo -Kugaragaza abagize umuryango muto -Kugaragaza	-Gutandukanya amoko y'inyubako zo mu rugo iwabo agendeye ku bikoresho bizigize. -Gusobanura imiterere y'urugo abamo -Gusobanukirwa abagize umuryango we n'amasano bafitanye	-Kwishimira urugo rwacu n'ibirugize -Gufata neza inyubako n' ibikoresho byo mu rugo.	Urugo rwacu : -Inzu yacu (ibice biyigize) -Ibikoresho byubatswe inzu yacu -Ibikoresho tubona mu nzu yacu -Akamaro	-Kwitegereza buri wese ukwe inzu z'iwabo n'iziri hafi y'iwabo akaza kubwira abandi mu ishuri uko ziteye n'ibikoresho bizubatswe - Kuganirira mu matsinda akamaro ko kugira aho umuntu atuye -Bakabwira abandi ibyo bagezeho bityo buri wese akishimira aho atuye -Gusobanuka abagize umuryango we n'amasano bafitanye akabirondorera

<p>abagize umuryango we</p> <p>-Kugaragaza inshingano za buri wese ugize umuryango</p>	<p>-Gutandukanya inshingano z'abagize umuryango we</p> <p>-Gusobanura ku rugero rwe ibyiza by'umuryango muto</p>	<p>Kubaha no kugirira urukundo abagize umuryango</p> <p>-Guharanira ko abagize umuryango buzuzanya inshingano zabo</p> <p>-Kubaha no kugirira urukundo abagize umuryango</p>	<p>k'inzu yacu</p> <p>-Urugo rwacu: ibirugize n'akamaro kabyo</p> <p>Abagize umuryango</p> <p>-Abagize umuryango</p> <p>-Uko barutana</p> <p>Inshingano za buri wese mu bagize umuryango</p> <p>-Inshingano</p>	<p>abandi</p> <p>-Kuganirira mu matsinda uko bitwara ku bagize umuryango wabo - Gutangariza abandi mu ishuri ibyo bagezeho</p> <p>-Kuganirira mu matsinda ibyiza byo kuzuzanya inshingano za buri wese n'ingaruka zo kutazuzanya.</p> <p>-Gukina agakino kerekana amasano y'abagize umuryango muto n'inshingano z'abana n'iz'ababyeyi barangiza bakabisobanurira abandi bakabiganiraho bakora incamake ku bitekerezo by'ingenzi</p> <p>-Gushushanya igiti cy'amasano y'umuryango muto</p> <p>-Kuganira mu matsinda ku byiza byo kuba mu muryango muto bakabijyaho impaka bagakora</p>
--	--	--	---	---

			z'ababyeyi -Inshingano z'abana Umuryango muto(kugera kuri sekuru) -Igiti cy'amasano y'umuryango muto -Ibyiza by'umuryango muto	incamake yabyo -Kuganira mu matsinda ku byiza byo kubahana no gukundana mu muryango
<i>Ihuriro n'andi masomo: inyunguramagambo ku miterere y'umuryango we n'imibereho yawo</i>				
<i>Ibigenderwaho mu isuzuma : ubushobozi ku gusobanura imiterere y'umuryango we n'imibereho yawo</i>				
<i>Imfashanyigisho : ibishushanyo bijyanye n'ibygwa biri muri iyi nsanganyamatsiko</i>				

Imbumbanyigisho: Uburere mboneragihugu		Amasomo mbonezamubano		
Umwaka wa 1		Umutwe wa 2 : Ibirango by'igihugu		Umubare w'amasomo: 5
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe : kuririmba neza indirimbo yubahiriza igihugu no gutandukanya ibendera ry'igihugu cy'u Rwanda n'andi mabendera				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kurondora amagambo avugwa mu ndirimbo yubahiriza igihugu - Kurondora amabara agize ibendera ry'u Rwanda 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza uburyo buboneye bwo kuririmba indirimbo humvikanishwa neza amagambo yayo Kuririmba neza indirimbo yubahiriza igihugu - Gushushanya amabara agize ibendera ry'igihugu cy'u Rwanda 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukunda igihugu no kubaha indirimbo yubahiriza igihugu - Kwishimira kuba umunyarwanda - Kurangwa n'umuco wo kubaha no kubahiriza ibirango by'igihugu 	<ul style="list-style-type: none"> - Indirimbo yubahiriza igihugu -Indirimbo yubahiriza igihugu Rwanda nziza -Ibendera ry'igihugu cy'u Rwanda - Amabara agize ibendera ry'igihugu -Ayo ari yo n'uko akurikirana 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuganirira mu matsinda bagaragaza amagambo y'ingenzi avugwa mu ndirimbo yubahiriza igihugu - Gukora umwitozo wo kuririmba indirimbo yubahiriza igihugu abandi bakavuga niba yabikoze neza. - Kujya hanze y'ishuri bakitegereza ibendera ry'igihugu bakarishushanya hanyuma bakag anira ku bintu bitandukanye birigize

Ihuriro n'andi masomo : uburyo bwo kuririmba neza, gushushanya

Ibigenderwaho mu isuzuma: ubushobozi bwo kuririmba neza indirimbo yubahiriza igihugu, no gutandukanya ibendera ry'igihugu n'andi mabendera

Imfashanyigisho : CD y'indirimbo yubahiriza igihugu ,radiyo, Filimi , ibendera ry'igihugu cy'u Rwanda

Imbumbanyigisho: Uburere mboneragihugu		Amasomo mbonezamubano		
Umwaka wa 1		Umutwe wa 3 : Abayobozi n'ibirango by'ishuri muba		Ure w'amasomo:3
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe : gutandukanya ibirango by'ishuri ryabo n'iby'andi mashuri no gutandukanya abayobozi b'ishuri ryabo				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyin giro	Ubukeshya		
- Gutandukanya Abayobozi b'ishuri - Gusobanura inzego z'ubuyobozi ku ishuri	- Gusobanura inshingano z'abayobozi ku ishuri	-Kubaha abayobozi b'ishuri -Kwiyambaza inzego z'ubuyobozi bw'ishuri igihe cyose bibaye ngombwa (gusaba uruhusa, gusaba ibikoresho ibitabo, ingwa..., kubaza amanota, gusaba gukemurirwa ikibazo...	Abayobozi b'ishuri -Abayobozi b'ishuri n'inshingano zabo =Ibirango by'ishuri (indirimbo y'ishuri, impuzankano ,intego y'ishuri (motto)	-Kuganirira mu matsinda ku bagize ubuyobozi bw'ishuri no ku birango by'ishuri hanyuma bagatangeriza abandi ibyo bagezeho -Gukina udukino tugaragaza imyitwarire y'abayobozi b'ishuri n'uburyo bwo kubiyambaza hanyuma bakagaragaza uko babafasha mu myigire yabo
<i>Ihuriro n'andi masomo : inyunguramagambo ku biranga ishuri ryacu, ubumenyi bw'isi, imibare</i>				
<i>Ibigenderwaho mu isuzuma: ubushobozi bwo gusobanura ibiranga ishuri ryacu</i>				
<i>Imfashanyigisho : ibishushanyo binyuranye byerekana inyubako z'ishuri aho zisherereye</i>				

Imbumbanyigisho: Imibereho myiza		Inyigisho: ISUKU		
Umwaka wa 1		Umutwe wa 4 : Isuku y’umubiri n’imyambaro		Umubare w’amasomo:10
Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe: kurangwa n’ isuku ku mubiri no ku myambaro				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by’umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
- Gusobanura uburyo bunyuranye bwo kugira isuku y’umubiri - Gusobanura akamaro k’isuku y’ibice by’ingenzi y’umubiri	-Gusobanura uko basukura umubiri wose n’akamaro kabyo -Gutandukanya ibikoresho binyuranye by’isuku - Gusukura intoki n’ibirenge - Gukora isuku y’akanwa - Gukora isuku y’amaso n’amatwi	- Kuba umunyesuku - Kugaragaza isuku y’umubiri aho ari ho hose	Isuku y’umubiri - Uburyo buboneye bwo kwiyuhagira umubiri wose - Isuku y’intoki n’ibirenge -Isuku y’amaso n’amatwi - Isuku yo mu kanwa - Akamaro k’isuku y’umubiri	-Gukaraba intoki, ibirenge. Koza mu kanwa, gusukura amatwi n’amaso ukoresheje ibikoresho byabugenewe kandi byujuje ubuziranenge -Hanyuma bakagaragaza ibyiza byabyo n’ukuntu babigira umuco. -Kuganira mu matsinda ku bibi byo kutagirira isuku intoki, ibirenge. Kutoza mu kanwa, kudasukura amatwi n’amaso ukoresheje ibikoresho

				byabugenewe kandi byujuje ubuziranenge. Hanyuma bagatangeriza abandi ibyo baganiriyeho.
- Gusobanura uburyo bunyuranye bwo gusukura imyambaro n'akamaro kabyo	-Gukora isuku y'imyambaro ye	-Kurangwa n'isuku y'imyambaro aho ari ho hose	Isukuy'imyambaro -Isuku y'imyambaro isanzwe n'iy'ishuri -Isuku y'imyambaro y'imbere (Amakaliso , amasogisi, amasengeri...) -Akamaro k'isuku y'imyambaro	-Gukorera mu matsinda bamesa amakaliso, amasogisi , amasengeri, imiswaro n'indi myenda yoroheje hanyuma bakagaragariza hamwe ibyiza byo kugirira isuku imyambaro yabo. -Kuganirira mu matsinda ku bibi byo kutagirira isuku

				y'imyambaro, barangiza bagatangeriza abandi ibyo baganiriyeho.
<i>Ihuriro n'andi masomo : Inyunguramagambo ku isuku</i>				
<i>Ibigenderwaho mu isuzuma: ubushobozi bwo kugira no kugaragaza isuku kuri we n'ahantu ari aho ari ho hose</i>				
<i>Imfashanyigisho: Ibikoresho by'isuku: amazi, isabune, amabase, indobo, ibitambaro by'amazi, ibishushanyo bigaragaza uko bakora isuku</i>				

Imbumbanyigisho: Imibereho myiza		Inyigisho: ISUKU		
Umwaka wa 1		Umutwe wa 5 : Isuku yo mu rugo no ku ishuri		Umubare w'amasomo:7
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe :kurangwa n' isuku mu rugo no ku ishuri				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
-Gusobanura uburyo bunyuranye bwo gukora isuku yo mu rugo n'akamaro kabyo -Gusobanura uburyo bunyuranye bwo gukora isuku ku ishuri no mu ishuri n'akamaro kabyo	-Gukora isuku yo mu rugo -Gukora isuku yo mu ishuri no ku ishuri	-Kurangwa n'isuku yo mu rugo -Kugaragaza isuku aho ari ho hose -Kurangwa n'isuku ku ishuri no mu ishuri -Kugaragaza isuku aho ari ho hose	Isuku yo mu rugo -Isuku yo mu rugo (ahantu, ibikoresho,uko bandurura imyanda yo mu rugo) -Akamaro k'isuku yo mu rugo Isuku yo ku ishuri -Isuku mu ishuri - Isuku ku ishuri - Akamaro k'isuku ku kigo cy'ishuri	-Gukora buri wese ibikorwa byo gusukura mu rugo iwabo (gukubura, gukoropa, gutondeka ibitabo, imyenda...) Hanyuma bakabwira abandi ibyo bakoze n'uko babikoze, bakaboneraho kuvuga uko basukura mu rugo. -Gukora ibikorwa byo gusukura ishuri n'ikigo (gutoragura ibipapuro, Gukubura, gukoropa, gutondeka ibitabo... Hanyuma bakabwira abandi ibyo bakoze, bakaboneraho kuvuga uko basukura mu ishuri.
<i>Ihuriro n'andi masomo : Inyunguramagambo ku isuku</i>				
<i>Ibigenderwaho mu isuzuma: ubushobozi bwo kugira no kugaragaza ahantu ari aho ari ho hose</i>				
<i>Imfashanyigisho: Ibikoresho by'isuku: amazi, isabune, amabase, indobo, ibitambaro by'amazi, ibishushanyo bigaragaza uko bakora isuku</i>				

Imbumbanyigisho: Imibereho myiza		Inyigisho: Indwara		
Umwaka wa 1		Umutwe wa 6 : indwara zandura n'izitandura		Umubare w'amasomo:3
Imbumbe y'ubushobozi bugamijwe : gusobanukirwa no kwirinda indwara zandura n'izitandura				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
Gutandukanya Indwara zandura n'izitandura	Gusobanura uburyo bwo kwirinda indwara zandura n'izitandura	Kugira ubuzima buzira umuze n'umuco wo kwirinda indwara	Indwara Indwara zandura Indwara zitandura	-Kwitegereza amashusho y'indwara no gutahura indwara zandura n'izitandura bakaziganiraho bagaragaza izo bahuye nazo -Kuganirira mu matsinda mato uburyo bwo kwirinda indwara no gutangariza abandi uko bakwitwara ngo birinde -Kureba filimi ku ndwara zandura n'izitandura
<i>Ihuriro n'andi masomo : Inyunguramagambo ku ndwara</i>				
<i>Ibigenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo gutandukanya indwara zandura n'izitandura n'uko bazirinda</i>				
<i>Imfashanyigisho : Ibishushanyo, amafoto y'abarwayi, filimu ,videwo ku ndwara</i>				

Imbumbanyigisho: Imibereho myiza				
Umwaka wa 1		Umutwe wa 7: Imibanire , imyitwarire iboneye		Umubare w’amasomo: 3
Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe : kurangwa n’ubupfura n’ubushishozi mu mibereho ye				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by’umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
-Kuvuga uko abantu babana n’abandi mu muryango no ku ishuri	-Gutanga ingero z’ukuntu abantu babana n’abandi mu mahoro - Gusobanura ingaruka zo kutabana neza mu mahoro	-Kurangwa n’urukundo kwiyubaha no kubaha abandi. -Kwishimira umuryango we. -Kubana n’ abandi mu mahoro mu rugo no ku ishuri	Kubana mu mahoro - Mu rugo(uburyo bwo kubana mu mahoro n’akamaro kabyo) -Ku ishuri (uburyo bwo kubana mu mahoro n’akamaro kabyo) -Ibibi byo kutabana neza mu mahoro mu rugo no ku ishuri	-Gukora udukino mu matsinda bagaragaza uko abantu babana mu rugo cyangwa ku ishuri bakabiganiraho bakora incamake ku bitekerezo by’ingenzi
-Gutandukanya uburyo bunyuranye yafashamo abandi mu rugo no ku	-Gusobanukirwa ibyiza byo gufashanya	-Kurangwa n’umuco wo gufasha	Gufashanya -Mu rugo (uburyo bwo gufashanya n’akamaro kabyo)	-Kuganira mu matsinda uburyo bunyuranye buri wese yafashamo abandi mu rugo no ku ishuri

ishuri	<p>-Gutanga ingero z'ibyo ashobora gufasha (mo) abandi</p> <p>- Gusobanura ingaruka zo kudafashanya no gukunda gufashwa</p>	<p>-Kunga ubumwe n'abo abana nabo mu rugo no ku ishuri</p>	<p>-Ku ishuri (uburyo bwo gufashanya n'akamaro kabyo)</p> <p>-Ibibi byo kudafashanya no gukunda gufashwa</p>	<p>Gukorera mu matsinda ya 5</p> <p>- bagashakisha abana bakeneye gufashwa bakaganira n'abandi uburyo bakwiriye gufashwa</p> <p>-bakagaragaza ibyiza byo gufashanya n'ibibi byo kudafashanya n'ibyo gukunda gufashwa</p> <p>-Buri tsinda rikabwira abandi ibyo bagezeho bakabiganiraho bakora incamake ku bitekerezo by'ingenzi</p>
<p>-Kugaragaza uburyo bwo gusangira no gusaranganya</p>	<p>-Gusobanura akamaro ko gusangira no gusaranganya n'abandi n'ingaruka zo kutabikora</p>	<p>-Kugira umuco wo gusangira no gusaranganya</p> <p>-Gukunda gutanga, gusangira n'abandi no gusaranganya ariko yirinda gukabya</p>	<p>Gusangira/gusaranganya</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Uburyo buboneye bwo gusangira no gusaranganya 2. Akamaro ko gusangira no gusaranganya 3. Ingaruka zo kudasaranganya 	<p>Gukora igikorwa cyo kugabana no gusaranganya ibintu bitandukanye (amakaramu ,udukinisho, amashusho, amakarita, amabombo, imbuto,...)</p> <p>-No kugaragaza imbamutima zabo nyuma y'icyo gikorwa (ibibi , ibyiza, ibisimisha n'ibibabaza).</p>

Gusobanukirwa ihohoterwa rishingiye ku myanya ndangagitsina	Gutandukanya uburyo bunyuranye bw'ihohoterwa rishingiye ku myanya ndangagitsina.	Kugira ubuzima bwiza kwirinda ihohoterwa rishingiye ku myanya ndangagitsina	Ihohoterwa rishingiye ku myanya ndangagitsina Uko rikorwa Uko umuntu yaryirinda	-Kwitegereza amashusho y'ihohoterwa no gutahura uko ihohoterwa rishingiye ku myanya ndangagitsina rikorwa bagafata ingamba zo kwirinda
<i>Ihuriro n'andi masomo : inyunguramagambo ku mibanire n'imyitwarire iboneye</i>				
<i>Ibigenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo Kurangwa n'ubupfura n'ubushishozi mu mibereho ye</i>				
<i>Imfashanyigisho : amashusho agaragaza imibanire n'imyitwarire y'abantu itandukanye</i>				

Imbumbanyigisho: Imyitwarire iboneye				
Umwaka wa 1		Umutwe wa 8: Ikinyabupfura		Umubare w’amasomo:8
Imbumbe y'ubushobozi bugamijwe : kugira no kugaragaza imyitwarire iboneye mu rugo				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by’umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
- Gusobanura ikinyabupfura icyo ari cyo	-Gusobanura imyitwarire iboneye ku bantu batandukanye n’ahantu hatandukanye	-Kugaragaza ikinyabupfura (mu myitwarire, mu bikorwa no mu mvugo) aho ari hose	Ikinyabupfura -Ikinyabupfura ku bo babana -. Ikinyabupfura ku bashyitsi - Ikinyabupfura ku meza -. Ikinyabupfura mu mvugo -. Ikinyabupfura mu ndamukanyo -. Ikinyabupfura mu nzira -Ikinyabupfura ahateraniye abantu benshi	-Kwitegereza amashusho ariho abana bagaragaza imyitwarire inyuranye ahantu hatandukanye no mu bihe bitandukanye. Maze bakavuga ibyiza babonaho n’ibibi -Gukina udukino tugaragaza uko bitwara imbere y’abantu bakuru, y’abashyitsi n’ahantu hatandukanye. Bakavuga muri make uko bakwiye kujya bitwara.
<i>Ihuriron’andi masomo : Inyunguramagambo ku kinyabupfura</i>				
<i>Ibigenderwaho mu isuzuma: kugenzura ko bagaragaza ikinyabupfura mu buzima bwa buri muni.</i>				
<i>Imfashanyigisho : Amashusho atandukanye ariho abantu bitwara mu kinyabupfura , filimi/ videwo (aho bishoboka)..</i>				

Imbumbanyigisho: Ubukungu				
Umwaka wa 1		Umutwe wa 9 : Umutungo w'umuryango		Umubare w'amasomo:4
Imbumba y'ubushobozi bugamijwe : gusobanukirwa ibyangombwa by'ibanze by'umuryango no gucunga neza umutungo w'umuryango				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
-Gutandukanya ibyangombwa by'ibanze nkenerwa mu muryango	-Gusobanura uko tubona ibyangombwa by'ibanze mu muryango n'uburyo buboneye bwo kubicunga	-Gucunga neza umutungo w'umuryango -Kwirinda gusesagura	Ibyangombwa nkenerwa mu muryango - Ibyangombwa by'ibanze bikenerwa mu muryango -.Uburyo bwo gucunga ibyangombwa nkenerwa mu muryango	-Gukina mu matsinda udukino twerekana uko mu muryango babona ibyangombwa nkenerwa -Bagafata ingamba z'ukuntu babicunga neza
-Gusobanukirwa agaciro k'amafaranga	-Gusobanura aho tuvana amafaranga n'uburyo bwo kuyakoresha neza	-Kuzigama -Gukoresha neza amafaranga	Amafaranga -Aho tuvana amafaranga -Ibyo dutangaho amafaranga mu rugo -Imyitwarire iboneye ku birebana n'amafaranga	-Kujya kubaza uko iwabo babona amafaranga n'uko bayakoresha bakabiganirira bagenzi babo -Gukora igikorwa cyo kwizigama

				(nko gutangira kubika uduceri..)
-Gusobanukirwa umutungo we n'uw'umuryango we.	-Gusobanura ibigize umutungo we n'uw'umuryango we.	-Gukoresha no gucunga neza umutungo we n'uw'umuryango.	Imicungire inoze y'umutungo bwite w'umunyeshuri n'uw'umuryango -Ibigize umutungo bwite w'umunyeshuri -Ibigize umutungo bwite w'umuryango -Gucunga neza umutungo bwite	-Kugenzura buri wese ibikoresho bya mugenzi we , -Kureba uko bibitswe n'uko bifashwe -Kugaragaza muri rusange uburyo bunozwe bwo kwita ku bikoresho bwite bya buri wese no kubibika neza Kuganirira mu matsinda ibigize umutungo w'umuryango hanyuma bagatagariza abandi muri rusange ibyo bagezeho bagakora incamake yabyo.
<i>Ihuriro n'andi masomo : inyunguramagambo ku mutungo w'umuryango</i>				
<i>Ibigenderwaho mu isuzuma: ubushobozi bwo gutandukanya ibyangombwa by'ibanze by'umuryango no gucunga neza umutungo w'umuryango</i>				
<i>Imfashanyigisho : Amashusho agaragaza ibyangombwa by'ibanze by'umuryango n'abantu bakora ibikorwa byo kwizigamira , amafoto,filimi, ibintu bifatika</i>				

Imbumbanyigisho: Ubumenyi bw'isi				
Umwaka wa 1		Umutwe wa 10: Ibidukikije		Umubare w'amasomo:19
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe :kwiyobora , kuyobora abandi no gufata neza ibidukikije				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyiringiro	Ubukeshya		
-Gutandukanya amerekezo	-Kugaragaza amerekezo akurikije aho we ari	-Kubasha kwiyobora no kuyobora abandi	Amerekezo akoreshwa mu kuranga ikintu n' ahantu - Amerekezo - Kuranga ibintu n'ahantu ukoresheje amerekezo	Gukina mu matsinda udukino dutandukanye ku merekezo bagenda baranga aho ibintu biri. Kuranga aho ishuri ryabo riherereye uherye ku yandi mashuri (umwaka wa 2,3,4...) kuranga ikibuga cy'umupira , ibiro by'umuyobozi w'ikigo,kuranaga aho ubwiherero buri..
-Gusobanukirwa n'ibintu biboneka mu nzira ijya ku ishuri	-Gutandukanya ibintu biboneka mu nzira ijya ku ishuri	-Kurangwa n' imyitwarire myiza mu nzira ijya ku ishuri -Kwirinda ibyago n'impanuka mu nzira	Inzira ijya ku ishuri -Ibintu by'ingenzi biboneka ku nzira iva cyangwa ijya ku ishuri -Ibintu bibi biboneka mu nzira iva cyangwa ijya	Kuganira mu matsinda ku byo babona mu nzira ijya ku ishuri ,uko bagenda , bakagaragaza ibibi n'ibyiza bahura nabyo , bagafata ingamba zo kwitwara neza

		ijya ku ishuri, -Kuvuga ibyamubangamiye muri iyo nzira	ku ishuri -Uburyo bwo kwirinda ibintu bibi biboneka ku nzira iva cyangwa ijya ku ishuri	
Gusobanukirwa imiterere y'ishuri rye	Kuranga ishuri rye	-Gusobanurira abandi imiterere y'ishuri rye -Kuranga aho ikintu giherereye n'uko giteye	Ishuri ryacu: -Uko riteye (inyubako) n'aho riherereye	-Gukorera mu matsinda mato bakagaragaza uko ishuri ryabo riteye, inyubako zaryo n'aho riherereye hanyuma bakabibwira abandi; bakabiganiraho bakora incamake ku bitekerezo by'ingenzi
Gusobanukirwa n'ibikikije urugo rwabo	Gutandukanya ibikikije urugo rwabo no gusobanura akamaro kabyo	-Kubungabunga ibidukikije biboneka hafi y'urugo rwabo	Ibikikije urugo -Ibidukikije by'ingenzi biboneka hafi y'urugo -Akamaro k'ibidukikije biboneka hafi y'urugo 3. Kubungabunga ibikikije urugo	-Gukora igikorwa cyo kwita ku bikikije urugo no kubwira abandi icyo yakoze n'akamaro kacyo -Bagashyira hamwe ibikorwa byose bakoze mu kubungabunga ibikikije ingo zabo
Gusobanukirwa n'ibikikije ishuri ryabo	Gutandukanya ibikikije ishuri ryabo no gusobanura akamaro kabyo	Kubungabunga ibikikije ishuri	Ibikikije ishuri -Ibidukikije by'ingenzi biboneka ku ishuri -Akamaro k'ibidukikije biboneka ku ishuri -Kubungabunga ibikikije	Gukora mu matsinda ibikorwa binyuranye byo kwita ku bikikije ishuri no kubwira abandi ibyo bakoze n'akamaro kabyo

			ishuri	
Kurondora abagize umuryango	Kubara neza abagize umuryango	Kubasha kwiyakira mu mubare w'abagize umuryango	Abaturage -Umubare w'abari mu muryango	-Gukora igikorwa (umukoro) cyo kubara abagize umuryango wabo no kubibwira abandi bakagereranya imibare iri mu miryango yabo
<i>Ihuriro n'andi masomo : Inyunguramagambo ku bidukikije</i>				
<i>Ibigenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo Kwiyobora , kuyobora abandi no gufata neza ibidukikije</i>				
<i>Imfashanyigisho :Ibishushanyo biriho ibidukikije bitandukanye</i>				

:

Imbumbanyigisho: Ubumenyi bw'isi				
Umwaka wa 1		Umutwe wa 11: Ubwikorezi n'itumanaho		Umubare w'amasomo:4
Imbumbe y'ubushobozi bugamijwe : gukoresha neza umuhanda n'ibikoresho by'itumanaho				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
- Gutandukanya amoko y'imihanda n'abayikoresha	- Gusobanura akamaro k'imihanda, uburyo buboneye bwo kuyikoresha.	- Kugaragaza imyitwarire iboneye mu muhanda	Umuhanda - Amoko y'imihanda - Abakoresha umuhanda - Akamaro k'umuhanda - Uburyo bwo gukoresha neza umuhanda	- Kuja kwitegereza abantu n'ibintu binyura mu muhanda n'uko ukoresha. - Hanyuma bakavuga uko bakwiriye gukoresha umuhanda n'akamaro kawo
- Gutandukanya uburyo bunyuranye(bworoheje) bw'itumanaho	- Gusobanura ibikoresho binyuranye by'itumanaho n'akamaro kabyo.	- Kugira imyitwarire iboneye ku bikoresho by'itumanaho - Gukoresha neza itumanaho	Itumanaho - Ibikoresho by'itumanaho - Akamaro k'itumanaho - Uburyo buboneye bwo gukoresha ibikoresho by'itumanaho	- Gukinira mu matsinda bagaragaza uburyo bunyuranye bwo gukoresha itumanaho (telefoni, ibaruwa,gutuma umuntu, interineti...) bakavuga uburyo bwiza bwo kubikoresha

<i>Ihuriro n'andi masomo : inyunguramagambo ku birebana Ubwikorezi n'itumanaho</i>				
<i>Ibigenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo gukoresha neza umuhanda n'ibikoresho by'itumanaho</i>				
<i>Imfashanyigisho: ibyapa by'umuhanda, ibishushanyo by'abakoresha umuhanda , ibikoresho by'itumanaho (telefoni, Amabahasha,impapuro...)</i>				

Imbumbanyigisho: Amateka		Inyigisho: Amateka y'umuryango		
Umwaka wa 1		Umutwe wa 12: Amateka y'ingenzi yaranze umuryango		Umubare w'amasomo:4
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe : gusobanura amasano y'abagize umuryango we n'amateka y'ingenzi yawuranze				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
- Kurondora ibyaranze umuryango we	- Kuvuga amateka yaranze umuryango we kugeza kuri sogokuru na nyogokuru	- Kubaha abagize umuryango, kubishimira no kubana nabo neza - Kunezezwa n'ibyanze umuryango we - Kwigana intwari zo mu muryango we	Amateka y'umuryango Bimwe mu byaranze amateka y'umuryango	Gukora ubushakashatsi ku byaranze umuryango akabiganirira abandi bakagereranya n'ibyanze ku miryango yabo
<i>Ihuriro n'andi masomo :Inyunguramagambo ku masano y'abagize umuryango n' amateka yabaranze</i>				
<i>Ibigenderwaho mu isuzuma: ubushobozi bwo gusobanura amasano ari hagati y'abagize umuryango n'amateka yabo</i>				
<i>Imfashanyigisho: amashusho y'ibikorwa byaranze abanyarwanda, amafoto, filimi.</i>				

5.3 Umwaka wa kabiri

5.3.1 Intego rusange z'umwaka wa kabiri

- Gusobanukirwa imiterere y' umudugudu n' akagari atuyemo.
- Kwimakaza umuco w' amahoro n' uburenganzira bwa muntu aho atuye.
- Kurangwa n' imyitwarire iboneye aho ari hose.
- Guharanira imibereho myiza y' umuryango.
- Gusobanukirwa ubukungu bw' umudugudu n' akagari atuyemo.
- Kugira ubumenyi mu burere mboneragihugu, ubumenyi bw' isi n' amateka.

5.3.2 Urutonde rw' amasomo y' umwaka wa kabiri

1	Umutwe wa 1: Umuryango mugari
2	Umutwe wa 2: Ishuri, Umudugudu n' Akagari
3	Umutwe wa 3: Isuku
4	Umutwe wa 4 Indwara
5	Umutwe wa 5 : Imibanire , imyitwarire iboneye
6	Umutwe wa 6 Ubukungu
7	Umutwe wa 7: Idukikije
8	Umutwe wa 8: Ubwikorezi n' itumanaho
9	Umutwe wa 9: ibintu by' ingenzi byaranze amateka y' aho atuye n' ay' ishuri rye

Imbumbanyigisho: Imiterere y'umuryango				
Umwaka wa 2		Umutwe wa 1: Umuryango mugari		Umubare w'amasomo: 4
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: gusobanukirwa abagize umuryango mugari kugeza kuri sekuruza				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
Iyi nteganyanyigisho y'ubumenyi bw'Iyobokamana izatuma umunyeshuri agira imyitwarire mbonezabupfura iboneye mu mibereho ye ya buri muni. Rigamije kwibutsa umwana agaciro ke mu ruhando rw'ibiremwa Imana yaremye bityo akayikunda kandi agakunda bagenzi be ndetse n'ikiremnamuntu muri rusange. Iri somo kandi riha umwana uburere bw'umutima agaragariza mu ndangagaciro zimuranga.

Iyi nteganyanyigisho igenewe icyiciro cya mbere cy'amashuri abanza, igamije kubaka umwana ufite umutima, ubupfura, n'urukundo bishimangirwa n'imyemerere ndetse n'imyizerere n'indangagaciro z'umuco nyarwanda. Izaha umunyeshuri inyigisho z'ibanze zerekereye ubumenyi bw'Iyobokamana kugira ngo abashe kugira imibereho myiza kuri iyi si ndetse anitegurire kuzabona ubugingo bw'iteka.

Iyi nteganyanyigisho iteguwe ishingiyeye ku ihame ryo guha umunyeshuri ubushobozi bwo kugira icyo ashobora gukora ashingiyeye ku bumenyi, ku bumenyigiro no ku bukesha ahabwa mu ishuri. Ibi bizatuma Umunyeshuri urangije icyiciro cya mbere cy'amashuri abanza ashobora gukurikira amasomo mu cyiciro cya kabiri cy'amashuri abanza no kwikemurira ibibazo by'ibanze byo mu buzima busanzwe birebana n'imyitwarire, imyemerere, indagagaciro, umuco, ikibi n'ikiza, n'ibindi...

Inashingiyeye kandi ku muco Nyarwanda no ku gitekerezo cyo guhuza integanyanyigisho z'amashuri abanza yo mu Rwanda n'iz'ibindi bihugu cyane cyane iz'ibihugu bigize Umuryango Nyafurika w'Iburasirazuba.

Integanyanyigisho y'Iyobokamana yo mu cyiciro cya mbere cy'amashuri abanza igizwe n'ibice bibiri bizigishwa ku buryo butandukanye. Ibyo bice ni Iyobokamana rya Gikirisitu ndetse n'Iyobokamana rya Kiyisilamu. Buri shuri rizahitamo hakurikijwe imyemerere n'ubuhake bwa buri kigo kugira ngo rifashe abana gukurana imigenzo nyobokamana y'ibyo bemera ariko batibagiwe kugira ubumenyi rusange ku yindi myemerere.

1.2.3 Ubushobozi

Ubushobozi ni ububasha bwo gukora umurimo uyu n'uyu wihariye uko bikwiye hashingiwe ku bumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya bijyanye n'ibyo wize. Politiki z'igihugu zishingiye ku byo igihugu gikeneye zerekana ubushobozi bw'ibanze n'ubushobozi nsanganyamasomo bishingirwaho mu kubaka imitekerereze yimbitse. Muri iyi nteganyanyigisho ubushobozi bw'ibanze bugaragarira mu bushobozi bugamijwe muri buri mutwe, muri buri mwaka ndetse no mu kiciro. Ibikorwa by'umunyeshuri bigomba gushingira ku byo ashobora gukora kugira ngo hatezwe imbere ubushobozi bugamijwe mu gihe yiga cyangwa arangije umutwe w'amasomo runaka.

Ubushobozi nsanganyamasomo

Ubushobozi nsanganyamasomo ni ubushobozi butihariwe n'inyigisho imwe ahubwo butezwa imbere mu masomo anyuranye, mu bihe bitandukanye ndetse no mu kazi kanyuranye. Ubushobozi bw'ingenzi mu myigire n'imyigishirize abarimu bagomba kwitaho busobanuye ku buryo bukurikira:

- **Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** ubu bushobozi buzafasha umunyeshuri gutekereza ahanga no gushyira mu gaciro ku buryo bwaguye bituma abonera ibisubizo ibibazo ahura na byo mu buzima bwa buri muni.
- **Guhanga udushya:** kunguka ubu bushobozi bizafasha umunyeshuri gufata iya mbere agatekereza ahereye ku byo azi, maze agahanga ibintu bishya.
- **Ubushakashatsi:** ubu bushobozi buzafasha umunyeshuri gukemura ibibazo ahereye ku makuru no ku bumenyi busanzweho no gusobanura ibintu ahereye ku makuru yakusanyije.
- **Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu gihugu:** ubu bushobozi buzafasha abanyeshuri gusabana n'abandi nta mususu no gutanga ibitekerezo byabo ku buryo buboneye mu mvugo no mu nyandiko bakoresha imvugo n'amagambo bikwiye. Kubera iyo mpamvu, abarimu bose nubwo baba batigisha indimi basabwa kugenzura ko abanyeshuri bakoresha uko bikwiye ururimi rwigishwamo.

- **Ubufatanye, imibanire ikwiye n’abandi n’ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni:** ubu bushobozi buzafasha abanyeshuri gukorana n’abandi mu matsinda, mu kazi ako ari ko kose bahawe barangwa n’imyitwarire n’indangagaciro bikwiye, bubaha uburenganzira, ibitekerezo n’imyitwarire binyuranye n’ibyabo. Ibi bizafasha kandi abanyeshuri gukora ibikorwa bijyanye no kubungabunga ibidukikije, gukora ubuvugizi ku byerekeye ubuzima bwabo n’ubw’umuryango bita ku isuku n’imirire iboneye kandi na none bakemura ibibazo bahura na byo mu buzima.
- **Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:** kunguka ubu bushobozi bizafasha abanyeshuri kujiyana n’igihe biyungura ubumenyi n’ubumenyi ngiro batarinze gufashwa muri byose. Ibi bizabafasha kandi kujiyana n’iterambere bibanda ku bumenyi n’ubumenyi ngiro bikenewe.

Ubushobozi rusange bugamijwe mu nyigisho y’Ubumenyi bw’iyobokamana

Nyuma yo kwiga iyi nyigisho y’iyobokamana rya gikirisitu umunyeshuri azaba ashobora:

- Gusobanura agaciro ke, ak’abandi n’ak’ibindi biremwa no kubungabunga ibidukikije.
- Gusobanura umugambi w’agakiza Imana ifitiye umuntu n’uburyo yamugaragarije urukundo rwayo:
 - Mu irema
 - Mu ijambo ry’ Imana
 - Muri Yezu Kirisito (ku bakirisitu)
- Kugaragaza imibereho ibereye Imana, ababyeyi, abavandimwe n’igihugu Imana yamuhaye.
- Kuzirikana inshingano Imana yahaye umuntu kuri iyi isi, akanashishikarira guharanira icyiza, Kwanga no gukumira ikibi.
- Gukora imyitozo igarura amahoro y’umutima.

Inyigisho y’iyobokamana rya Kiyisilamu mu mashuri abanza igamije gutuma umunyeshuri ashobora:

- Kurangwa n’indangagaciro zishingiye ku myemerere ya Kiyisilamu.
- Gusobanura neza ingingo z’ibanze z’imyemerere ya Kiyisilamu.

- Gusenga yubahiriza Imigenzo yategetswe yo gusenga.
- Kurondora ibihe by'ingenzi byaranze intumwa y'Imana Mohamadi.
- Kurangwa no kubaha n'urukundo aho ari hose (kuri bagenzi be, ababyeyi, abo babana, abaturanyi n'abandi bantu).
- Kurangwa n'imigenzo myiza yo kwicisha bugufi, gusaba imbabazi igihe yakosheje, guharanira icyiza no gukumira ikibi haba kuri we no ku bandi.

Ubumenyi bw'iyobokamana n'ubumenyi bugamijwe

Politiki y'igihugu y'uburezi bw'u Rwanda ni ukurera umwana ufite uburere buboneye kandi urangwa n'indangagaciro z'ubumuntu ndetse n'iz'umuco nyarwanda. Inyigisho z'ubumenyi bw'iyobokamana ifasha umwana gukurana ubupfura, ubwitonzi n'izindi ndangagaciro z'umuco nyarwanda. Usibye indangagaciro zishingiye ku muco no ku myemerere, umunyeshuri ahabwa ubushobozi n'ubumenyi ngiro rusange bimufasha kwibeshaho no kubana neza n'abandi.

Muri iyi nteganyanyigisho nshya hitawe kandi ku bumenyi ngiro ku buryo bw'umwihariko kugira ngo dufashe abana b'u Rwanda mu buzima bwabo bwa buri muni kandi tubashishikarize kwita ku bibazo bibangamiye isi muri rusange n'igihugu cyacu ku buryo bw'umwihariko. Ingingo zitaweho cyane cyane ni umuco n'indangagaciro nyarwanda, ibidukikije, uburinganire, uburenganzira bw'umwana n'ubw'ikiremamuntu, gukunda igihugu, kwimakaza umuco w'amahoro ndetse no kwihesha agaciro.

2. IMBONEZAMASOMO

Integanyigigisho y'iyobokamana izaba iri kumwe n'integanyanyigisho y'ubumenyi mbonezamubano bityo izaba ari igice cya kabiri mu gihe ubumenyi mbonezamubano izaba ari igice cya mbere. Ibi bice byombi bigize integanyanyigisho mbumbe y'ubumenyi mbonezamubano n'ubumenyi bw'iyobokamana. Imyigishirize yayo rero ishingiye ku ruhare runini umunyeshuri agomba kugira mu myigire ye bimufasha gushakashaka, kwitegereza, kuzirikana, kuvumbura n'ubundi bushobozi. Muri ibi bikorwa byose mwarimu akora akazi ko kumuyobora, kumufasha no kugenzura niba ibyo akora bigaragaza ubushobozi bushingiye ku bumenyi, ku bumenyigiro, ku bukesha no ku ndangagaciro ahabwa cyangwa atozwa na Mwarimu nkuko byateguwe muri iyi nteganyanyigisho.

Ibikorwa by'umunyeshuri bigomba gutegurwa bishingiye ku buzima bwe no ku bintu asanzwe abona bityo buhoro buhoro akagenda asobanukirwa n'ibijimije kandi bitagaragara. Ibi bituma umunyeshuri yibona mu byo akora, bityo akarushaho kubyishimira, kugira amatsiko no gucengera ibyo yiga.

Mbere y'uko basubiza, mwarimu agomba guha abanyeshuri igihe gihagije cyo gutekereza no kwishakashakira.

Imyitozo umwarimu atanga igomba kwibanda ku bintu umunyeshuri ahura na byo mu buzima bwe busanzwe abisanisha n'ubuzima bujyanye n'ibyo yemera, abona atekereza ku bijyane n'ukwemera kwe.

Muri rusange, abanyeshuri biga neza iyo bagira uruhare mu myigire yabo kandi badafata mu mutwe gusa ahubwo bagira ibikorwa bakora. Nubwo gukorera mu matsinda bifite akamaro ni ngombwa no kwita kuri buri munyeshuri kugira ngo umwarimu akosore imivugire ye, imisomere ye ndetse n'imyandikire ye.

Buri somo rigomba kugira intego zeruye kandi uburyo bwo kuzigeraho ntibugore umunyeshuri ndetse n'umwarimu. Umwarimu agomba kwita ku kigero cy'umunyeshuri kandi akamufasha kwiyigisha. Ni ngombwa rero guhera ku byo umunyeshuri azi, bigaragara, byuzuye, mbere yo gusingira ibyigwa mpisho, birakwiye, guhera ku mvugo, ku nteruro yo ntango y'ubwumvane n'umushyikirano kugira ngo bifashe abanyeshuri kwivumburira ikigwa cy'umunsi.

2.1. Uruhare rw'umwarimu

Bimwe mu bintu by'ingenzi umwarimu akwiye kwibandaho mu mikoreshereze y'integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi ni ibi bikurikira:

- Kugira ubumenyi buhagije mu bijyanye n'iyobokamana ndetse n'uburyo bwo kuyigisha abanyeshuri ukurikije ikigero bagezemo;
- Kwifashisha ibyanditswe bitagatifu n'ibindi bitabo byandiswe ku nsanganyamatsiko igihe cyose asobanurira abana amahame;
- Kwitwara nk'umujoyanama ukomeye ku banyeshuri be kuko bashobora kumugisha inama ku buzima bwite bwabo bwaba ubwa roho cyangwa busanzwe cyangwa mu myigire yabo;
- Gukurikirana ibikorwa by'abanyeshuri no gukemura mu mahoro impaka zose zivutse;
- Kurangwa n'imigenzo myiza ishingiyeye ku ndagagaciro za Gikirisitu cyangwa za Kiyisilamu akabera abanyeshuri urugero rwiza;
- Kugenzura uko bwije n'uko bukeye imyitwarire mbonezabupfura y'abanyeshuri kugira ngo amenye neza ibyo bize babishyira mu bikorwa;
- Gutegura ibikorwa by'abanyeshuri ashingiyeye ku buzima bwabo, ku buzima bw'Igihugu no ku muco nyarwanda kuko ari byo bituma barushaho kwibona mu bikorwa byabo no kwiga neza;
- Gutegura mbere imfashanyigisho zijyanye n'ibikorwa biteganyijwe kandi ziboneka mu karere abanyeshuri batuyemo;
- Kuba inyangamugayo mu buzima busanzwe no mu myitwarire ye imbere y'abanyeshuri;

Umwarimu afite uruhare rwo kuyobora umunyeshuri amufasha kuvumbura, amukosora, amwerekera kugira ngo amugeze ku ntego z'isomo. Ni ngombwa ko umwarimu amenya ibibazo abanyeshuri bafite kugira ngo mu gutegura isomo ateganye uburyo n'inzira aza gukoresha bitagira uwo biheza. Umwarimu akena imfashanyigisho, agategura aho abanyeshuri bigira bitewe n'isomo ashaka kwigisha. Hari isomo ryatangwa neza ari uko ribereye hanze cyangwa se mu ishuri, rikorewe mu matsinda cyangwa abanyeshuri bari hamwe bose, byose biterwa n'imiterere y'isomo ndetse n'aho bigira.

2.2. Uruhare rw`umunyeshuri

Integanyanyigisho iha umunyeshuri uruhare rw`ibanze mu myigire ye. Ishingira kubyo asanzwe azi no ku bushobozi asanganywe agafashwa buhoro buhoro kubwongera akoresheje ubumenyi, ubumenyingiro, ubukeshya n`indangagaciro nyarwanda agenda yunguka. By`umwihariko umunyeshuri akwiye gushingira imyigire ye ku bintu by`ingenzi bikurira:

- Kunguka ubumenyi yifashishije ibikorwa bye bwite cyangwa mu bikorwa afatanyije na bagenzi be;
- Kwifashisha ibikoresho byabugenewe: ibikoresho bya Jewometiri, ibibarisho, mudasobwa n`ibindi;
- Kubaha Imana, umurera na bagenzi be;
- Gufata neza ibikoresho bye n`iby`abandi;
- Kurangwa n`indangagaciro zo kwicisha bugufi no kwemera guhinduka;
- Kumenya gukorana n`abandi, kwihangana no kwemeranya ku gisubizo kiri cyo;
- Kumenya kwitegereza, gukorakora no gushyira ibintu mu buryo.

3. ISUZUMA

Isuzuma mu kwigisha ni ingenzi kuko rifasha umwarimu kumenya niba intego z'isomo cyangwa umutwe zagezweho no kumenya ibibazo abanyeshuri bahuye na byo mu rwego rwo kubafasha kubikemura akabafasha kandi akabageza ku bushobozi buteganyijwe.. Rifasha kandi umwarimu guhindura uburyo atangamo amasomo akurikije ibibazo byagaragaye kugira ngo afashe abanyeshuri kumva ibyo biga nta ngorane bagize. Abanyeshuri na bo isuzuma ribafasha kumenya aho bafite intege nke mu myigire yabo bikabafasha kwivugurura. Ku babyeyi, isuzuma ribafasha kumenya imyigire y'abana bityo bagatanga umusanzu wabo mu kubafasha aho bagize intege nke. Ibi babikora bakurikirana umunyeshuri by'umwihariko, bamufasha gukora imikoro yo mu rugo n'ibindi.

Isuzuma ni igikorwa gihoraho kandi gikorwa mu bihe bitandukanye no mu buryo butandukanye, hagamijwe kureba intambwe umunyeshuri amaze gutera mu myigire ye.

Mu kwigisha gusoma ubumenyi mbonezamubano n'iyobokamana umwarimu yibanda mu gusuzuma ibi bikurikira:

3.1 Isuzuma ry'intego z'isomo

Mbere yo gutanga isomo, umwarimu akena intego ashaka kugeraho, bityo agateganya n'uburyo bw'isuzuma kugira ngo amenye niba koko intego zagezweho by'ukuri, bikaba byatuma yigisha isomo rishya cyangwa agasubiramo ibitarumvikanye neza. Umwarimu urangije gutanga isomo rye atanga imyitozo igamije kureba niba intego yihaye zagezweho. Intego z'isomo zigaragazwa n'ibyo umunyeshuri yungutse kandi ashobora gukora. Intego z'isomo ziteganywa kandi ingingo umwarimu aheraho asuzuma isomo yatanze n'ibituma zigerwaho.

3.1.1. Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize

Mu isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize hakoreshwa uburyo buziguye n'ubutaziguye busanzwe bukoreshwa n'amashuri mu gusuzuma ko abanyeshuri biga uko bikwiye. Mu gihe umwarimu ategura isomo rye, agomba kugena ingingo ngenderwaho mu gusuzuma urwego rw'ubushobozi (ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya) abanyeshuri bategerejwe kugeraho. Mu gusoza umutwe, umwarimu asuzuma niba abanyeshuri bose bashoboye kugera uko bikwiye ku bushobozi bw'ingenzi bugamijwe ahereye ku bigenderwaho mu isuzuma byateganyijwe mu ntangiro y'umutwe. Umwarimu azasuzuma uko abanyeshuri bagaragaza ubushobozi bukubiye mu byigwa ndetse n'ubushobozi nsanganyamasomo. Ibi bizafasha umwarimu kubona ishusho rusange y'iterambere mu myigire y'abanyeshuri. Mu isuzuma, umwarimu azakoresha bumwe cyangwa impurirane y'uburyo bukurikira:(a) kwitegereza, (b) ibibazo basubiza bandika , (c) ibibazo basubiza bavuga.

3.1.2. Isuzuma rikomatanya

Igihe isuzuma rikozwe rigamije gusoza igihembwe, umwaka cyangwa ikiciro no gufata ikemezo cyo gukomeza, ryitwa isuzuma rikomatanya. Isuzuma rikomatanya rigamije kureba intera umunyeshuri agezeho rigaragaza ishusho y'ubushobozi umunyeshuri amaze kugeraho mu gihe runaka kihariye. Intego y'ibanze y'isuzuma rikomatanya ni ugusuzuma niba ubushobozi bugamijwe bwaragezweho. Ibivuye mu isuzuma rikomatanya bishingirwaho mu gufata ikemezo cyo gukomeza ku ntera yisumbuye mu myigire y'umunyeshuri nko kwimurirwa mu kiciro gikurikira cyangwa guhabwa impamyabushobozi. Iri suzuma rigomba gukomatanya ibyo umunyeshuri yize, hakarebwa niba agaragaza ubushobozi bugamijwe bwari buteganyijwe.

Iri suzuma rishobora gukorerwa ku rwego rw'ikigo k'ishuri, akarere cyangwa ku rwego rw'igihugu nk'ibizamini bya Leta. Ku rwego rw'ishuri iri suzuma rikorwa rimwe mu gihembwe ndetse n'iyi umwaka urangiye. Impuzandego y'amanota y'isuzuma rikomatanya kuri buri nyigisho izongerwa ku manota y'ibizamini bya Leta. Ni ukuvuga ko hari ijanisha ry'amanota y'isuzuma

rikorerwa ku rwego rw'ishuri rizongerwa ku manota y'ibizamini bya Leta. Iri janisha rizagenda riyongerera bitewe n'uko abarimu bagenda bunguka ubunararibonye mu buryo bwo gusuzuma ku buryo nyuma y'imyaka itatu uhereye igihe iyi nteganyanyigisho itangiye gushyirwa mu bikorwa ayo manota azongerwa ku bizamini bya Leta azaba ari 10% y'impuzandengo y'amanota yo mu ishuri. icyakora iri janisha rizagenda riyongerera. Uturere tuzahabwa ubushobozi bwo gukomeza gufata iya mbere mu gukoresha isuzuma rikomatanya mu mashuri yose mu gukurikirana imyigire ndetse n'intera abanyeshuri bagezeho mu mashuri yabo. Hazajya hakorwa ibizamini bya Leta bisoza ibyiciro bikurikira: amashuri abanza, ikiciro rusange n'ikiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye.

3.2. Kubika inyandiko igaragaza ibyavuye mu isuzuma

Kubika inyandiko igaragaza ibyavuye mu isuzuma ni ugukusanya ibigaragaraza ko isuzuma ryakozwe no kubiha agaciro hagendewe ku bipimo byagenwe mbere. Uburyo ubwo ari bwo bwose bwaba bwakoreshejwe mu isuzuma bugomba gutanga amakuru abarwa mu manota yandikwa cyangwa hakoreshejwe ibindi bipimo, bikabikwa neza ku buryo hagaragazwa intambwe igenda iterwa mu myigire. Ibi bigira uruhare mu gutegura ibikorwa cyangwa ingamba zihariye bituma inyigisho zumvikana kurushaho. Ibyavuye mu isuzuma kandi bishingirwaho n'umwarimu mu gihe atanga inama ku banyeshuri n'ababyeyi.

Ubu buryo bujyanye no kubika mu idosiye imwe (mu nyandiko cyangwa ku buryo bw'ikoranabuhanga) amasuzuma yose y'umunyeshuri ndetse n'ibyavuyemo bugaragaza aho umunyeshuri afite intege nke cyangwa adafite ibibazo mu myigire ye. Kubika mu idosiye imwe inyandiko igaragaza amasuzuma umunyeshuri yakoze, ntabwo ari ukubika gusa impapuro z'amasuzuma yakozwe (impapuro n'imikoro), ahubwo ni no kubika inyandiko z'imyitoto yose umunyeshuri akora ijyanye

n'imyigire ye. Ibyavuye mu isuzuma ni byo bizagaragaza ko umunyeshuri yakurikiye neza mu ishuri mbere y'uko akora isuzuma risoza.

3.3. Gutegura ibibazo by'isuzuma rikomatanya

Mbere yo kwandika ibibazo by'isuzuma, ni ngombwa gukora imbonerahamwe y'ibigomba kubazwaho herekanwa:

- Imitwe cyangwa inyigisho byibandwaho mu isuzuma;
- Umubare w'ibibazo hashingiwe ku nzego z'intego z'imyigire n'imyigishirize zagenwe na Bulumu (Bloom);
- Amanota agenewe buri kibazo.

Mu nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi, ibibazo biri ku ntera zo hejuru ku rwego rw'intego rwa Bulumu (Bloom) bigomba guhabwa umwanya ugaragara kurusha ibibazo bishingiye ku ntera zo hasi zijyanye cyane cyane n'ubumenyi.

Mbere yo kwandika ibibazo, ubyandika agomba kureba neza ko ibibazo by'isuzuma bijyanye n'isuzuma rishingiye ku bushobozi hitabwa kuri ibi bikurikira:

- Kugena inyigisho yibandaho ahereye ku byo integanyanyigisho iteganya;
- Kugaragaza ingingo z'ibyigwa zishingirwaho mu isuzuma;
- Kugena intego zigamijwe zigomba gusuzumwa;
- Gukora imbonerahamwe igaragaza ibigenderwaho by'ingezi mu isuzuma;
- Kugenzura ko inshinga zakoreshejwe mu kwandika ibibazo zidasaba gusubiza ibibazo basubiramo ijambo ku ijambo ibyo bize gusa, ko ahubwo n'ubushobozi rusange buri mu nteganyanyigisho bwazuzumwe.

3.4. Imiterere y'ibigomba gusuzumwa mu nyigisho y'iyobokamana

Isuzuma ry'inyigisho y'iyobokamana ni ngombwa mu kureba niba umwana yarabonye ubumenyi bugamijwe kandi agaragaza ubumenyingiro nditse n'indagagaciro zigamijwe zaba izishingiye ku myemerere cyangwa iz'umuco nyarwanda. Mu gusuzuma umwarimu azasuzuma ibi bikurikira.

- Ubumenyi bw'umunyeshuri mu bijyanye n'ibyo yize
- Imigenzo n'indagagaciro z'imyemerere runaka nkuo zigaragara mu nyishisho no mu bitabo bitagatifu

Buri ntego igamijwe igomba kugira isuzuma, mu ntera zose zituma igerwaho. Isuzuma rero rihoraho mu nyigisho(imikoro, amarushanwa, ibizami...). Nta kwibagirwa n'utwitoto tw'induhura nk'udusakuzo, udukino, utwo gufindura, utubyino, udukuru.... twajya dukurikira imyanya y'ingutu tugatuma umunyeshuri yiga yishimye.

3.5. Gukorera ababyeyi raporo y'isuzuma

Integanyayigisho y'Iyobokamana iteganya ko ababyeyi bahabwa raporo y'intambwe abanyeshuri bagenda batera mu myigire yabo. Ntabwo amanota yonyine ahagije mu kwerekana ko abanyeshuri bageze ku bigamijwe mu ntego z'amasomo. icyafasha cyane ni ukwerekana aho abanyeshuri bagaragaza ubushobozi bugamijwe n'aho bafite intege nke hakenewe gushyirwamo imbaraga. Ni ngombwa ko abarimu bagenera ababyeyi inyandiko isobanura neza imyitwarire, imyigire y'umunyeshuri hagamijwekunoza imyigire ye.

4. IBIZAKENERWA MU ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO

Kugira ngo iyi nteganyanyigisho ishyirwe mu bikorwa ni ngombwa ko ibitabo bihagije hamwe n'izindi mfashanyigisho bigezwa mu mashuri. Hakenewe rero ko umwarimu agira imfashanyigisho z'ubumenyi bw'iyobokamana bihagije. Muri ibi twavugaga nk'ibitabo bitagatifu, ibitabo by'amahame nyobokamana, amashusho anyuranye, filimi z'ubuyobokeye, udushushanyo tugaragaza indangagaciro nyarwanda,... Ibi ariko ntibibuza umwarimu kwishakira izindi mfashanyigisho akurikije umutwe cyangwa isomo agiye kwigisha. Mu myigishirize mishya y'ubumenyi bw'iyobokamana byaba byiza hateganyijwe uburyo bw'iyumvabona (gukoresha televiziyo na sinema).

Hagomba abarimu bashoboye kwigisha isomo ry'iyobokamana no guhugura abasigaye kugira ngo bibafashe mu myigishirize y'iyobokamana cyane ko muri iri somo ikibandwaho ari imyifatire mva mutima ndetse n'imyitwarire iboneye haba ku ishuri cyangwa mu muryango avukamo. Ni ngombwa kwita ku bwuzuzanye bw'inyigisho y'ubumenyi nyobokamana n'izindi nyigisho. Umwarimu kandi w'inyigisho y'ubumenyi bw'iyobokamana ni umujyanama ukomeye ku banyeshuri yigisha cyangwa bo ku kigo akoramo. Agomba kugira umutima wo kuyobora no gufasha abana baza bamugana bamusangiza amwe mu mabanga y'umutima wabo, ubuzima bwabo bwaba ubwa Roho cyangwa ubusanzwe. Agomba kugira imyitwarire ntangarugero kandi agafasha aba banyeshuri bese gukura ku mubiri no kuri Roho bizihye Imana, umuryango wabo ndetse n'igihugu muri rusange.

Umwarimu akwiriye kumenya ibibazo n'ingorane abanyeshuri bafite kugira ngo ashobore gutanga neza isomo rye. Agomba kwita ku banyeshuri batabona neza abicaza ahababoneye kandi agakoresha imfashanyigisho zinyuranye kugira ngo ntihagire ucikanwa. Abafite ubumuga bwo kutumva na bo umwarimu abitaho akoresha imvugo y'amarenga kugira ngo babashe gusobanukirwa neza cyangwa avuga cyane yatura kugira ngo abanyeshuri bese babashe kumva. Hari ikindi gice cy'abanyeshuri badafata vuba na cyo umwarimu agomba kwitaho byaba ngombwa akabagenera umwanya wihariye kugira ngo bashobore kujyana n'abandi. Aha birasaba ko umwarimu ufite ibi byacyiro by'abana agomba guhora yihugura kugira ngo afashe abana bese nta mbogamizi.

5. IMITERERE Y'IYI NTEGANYANYIGISHO

Iyi nteganyangigisho y'Ubumenyi mbonezamubano n'ubumenyi bw'Iyobokamana igizwe n'ibice bibiri by'ingenzi. Igice cya mbere umunyeshuri aziga ubumenyi mbonezamubano bumufasha gusobanukirwa neza ibimukikije guhera mu rugo iwabo, mu nzego zinyuranye z'ubuyobozi kugeza ku rwego rw'akagari mu nzego z'ibanze. Muri iki gice azagira ubushobozi bwo kwimenya ndetse amenye ibimukikije byose bikubiye mu mateka, ubumenyi bw'ibidukikije, n'ibindi.

Igice cya kabiri kigizwe n'ubumenyi bw'Iyobokamana. Muri iki gice ibyigwa byibanda ku bumenyi umwana akeneye kumenya ku bimukikije ariko abihuza n'imana umuremyi wa byose kugira ngo agire indangagaciro z'umuntu uzi, wemerakandi ukunda Imana. Iki gice na cyo kirimo ibyiciro 2 bikurikira:

Iyobokamana rya Gikirisitu: Rigizwe n'imitwe yumvikanyweho n'amadini yose ashingiye kuri Kirisitu, bityo indangagaciro zose zigishwa muri iki gice zubakiye ku bukirisitu. Ibi ntibubuza ko umwana yigishwa izindi ndagagaciro z'umuco nyarwanda. Izi ndangagaciro zose zirunganiranana. Ubu bumenyi bw'Iyobokamana buzigishwa mu buryo bwimbitse ariko ntibikuraho ko umwana amenya ubumenyi bwihariye ku iyobokamana ya Kiyisilamu muri rusange. Ibi ni byo bizashingirwaho mu ibazwa rizakorwa mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza. Mu mitwe igize iki kiciro, harimo imitwe yihariye ishingiyeye ku myemerere yihariye ya gikirisitu. Iyi mitwe yo izigishwa mu buryo bwihariye kandi ntizajya mu ibazwa ryaba iryo mu ishuri cyangwa iryo mu kizamini gisoza amashuri abanza.

Iyobokamana rya Kiyisilamu: Rigizwe n'imitwe y'Iyobokamana rya kiyisilamu. Ishuri rizayihitamo, abannyeshuri bazigishwa indagagaciro zijyanye n'iyi myemerere hatirengagijwe n'indagagaciro z'umuco nyarwanda. Ibi ntibikuraho ko umwana amenya ubumenyi bwagutse mu myemerere y'idini rya Gikirisitu. Ibi bizitabwaho mu gihe cy'ibazwa iryo ari ryo ryose.

Ibi byose byakozwe mu rwego rwo kubahiriza imyemerere ndetse n'ibyumvikanyweho n'inzego zishinzwe uburezi mu myemerere yose.

Buri mutwe muri iyi nyigisho ufite intego zigamije guha umwana ubushobozi buzasuzumwa hashingiwe ku bumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya umwana azagaragaza nyuma yo kwiga ibiteganyijwe. Hagenwe kandi n'ibikorwa by'imyigire bigamije guha umwana ubushobozi. Umwarimu ashobora kongeraho ibindi bikorwa abona byaha umwana ubushobozi buteganyijwe bwiyongera ku bushobozi fatizo ndetse n'ubushobozi nsanganyamasomo. Umwarimu azaha agaciro na none isomo, umutwe runaka wo mu nyigisho y'ubumenyi bw'iyobokamana ufitanye n'andi masomo.

IYOBOKAMANA RYA GIKIRISITU

5.1 integanyanyigisho y'Iyobokamana rya Gikirisitu umwaka wa mbere

5.1.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Kubaha Imana nk'Umuremyi no kubaha ibiremwa byayo;
- Kugira ubushobozi bwo gusobanura inkomoko y'icyaha cy'inkomoko n'ingaruka zacyo;
- Kurangwa n'imico myiza akurikije ingero z'abizeye Imana bagaragara muri Bibiliya;
- Gukurikiza imigenzo myiza afatiye ku rugero n'ubuzimabwa Yezu Kirisitu;
- Gusenga akoresheje amasengesho y'ibanze;
- Gukora imyitozo igamije kubaka amahoro y'umutima(siporo, udukino, ...).

5.1.2 Imitwe igize integanyanyigisho y'Iyobokamana rya Gikirisitu umwaka wa mbere

Imbumbanyigisho: Bibiliya n'Imyemere		Inyigisho: Kwigaragaza kw'Imana		
Umwaka wa 1: Iyobokamana rya Gikirisitu		Umutwe wa 1: Iremwa no gucumura kwa muntu	Umubare w'amasomo: 8	
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umunyeshuri azashobora kubaha Imana nk'umuremyi , kubaha ibiremwa byayo no kwirinda icyaha				
Intego z'icyigwa			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Kuvuga akurikiranya ibyo Imana yaremye akurikije igihe byaremewe. -Kumenya ko umuntu yaremwe mu ishusho y'Imana.	-Gusobanurira abandi uko Imana yaremye ibiremwa byayo. -Gutandukanya umuntu n'ibindi biremwa. -Gusobanura inkomoko	-Gukunda no kubaha Imana n'ibiremwa byayo. -Kwiyubaha no kubaha abandi. -Kwita no kubungabunga	-Iremwa ry'ijuru, Isi n'ibiyiraho byose. -Umuntu yaremwe mu ishusho y'Imana. -Amambwiriza Imana yahaye	-Kujyana abana aho bashobora kwitegereza ibyaremwe maze bagasubiza ibibazo bakurikije ibyo babonye biganisha ku kugaragaza ko Imana ari yo yaremye byose kandi ikabibeshaho. -Gukina udukino tugaragaza ingaruka z'icyaha cya Adamu na Eva muri Edeni ndetse n'ibihano bahawe n'Imana bigaragara mu buzima bw'iki gihe.

<p>-Kuvuga inkomoko y'icyaha n'ingaruka zacyo.</p>	<p>n'ingaruka z'icyaha.</p>	<p>ibiremwa byayo</p> <p>-Kurangwa n'imigenzo myiza yo kwanga no gukumira icyaha</p>	<p>Muntu muri Edeni.</p> <p>- Inkomoko y'icyaha n'ingaruka zacyo.</p>	<p>-Inkuru ngufi isobanura icyaha n'ingaruka zacyo ndetse n'uburyo bwo gukumira icyaha mu buzima bwa buri munsu.</p>
<p><i>Ihuriro n'andi masomo: Imibare(kubara iminsi),ubumenyi bw'isi(ibidukikije),itozamuco(kwirinda icyaha)</i></p>				
<p><i>Ibipimo by'isuzuma: Umunyeshuri afite imyitwarire igaragaza kubaha Imana nk'umuremyi , kubaha ibiremwa byayo no kwirinda icyaha</i></p>				
<p><i>Imfashanyigisho: Amashusho, amafoto, firimi z'iremwa, Bibiliya, ubusitani bw'ishuli.</i></p>				

Imbumbanyigisho: Indangagaciro za gikirisitu		Inyigisho: Gusenga		
Umwaka wa 1: Iyobokamana rya Gikirisitu		Umutwe wa 2: Amasengesho y'ibanze		Umubare w'amasomo: 10
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umunyeshuri ashobora gusenga Imana akoresheje amasengesho y'ibanze n'amasengesho yitekerereje ubwe.				
Intego y'icyigisho			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Kumenya gusenga Imana icyo ari cyo, uburyo bwo kubikora n'akamaro kabyo. -Kuvuga ibice bigize isengesho.	-Gusobanura gusenga icyo ari cyo n'akamaro kabyo. -Gusenga isengesho yiyubakiye ku giti cye.	-Kwifata neza no kubaha umwanya wo gusenga Imana. -Kurangwa n'umuco mwiza wo gusenga mu bihe bitandukanye no mu buzima bwa buri muni.	-Isengesho n'imyitwarire mu gihe cyo gusenga. -Amasengesho y'ibanze (Dawe uri mu ijuru, isengesho ryo kuryama no kubyuka, isengesho mbere yo kurya, isengesho ryo gushimira, isengesho ryo gusabira abandi, isengesho mbere y'umurimo). -Igihe cyo gusenga n'amasengesho yabugenewe	-Kujya mu matsinda abana bakaganira ku buryo basenga iwabo ndetse n'akamaro k'isengesho mu muzima bwabo. -Gusobanura mu matsinda kandi ku buryo bworoheje amasengesho y'ibanze ya gikirisitu agaragaza uburyo dushimira Imana kandi tuyisaba ibyo dukeneye byose ikabiduha.

				<p>-Gukora umwitozo wo kuvuga amasengesho anyuranye y'ibanze</p> <p>-Gukoresha abana umwitozo wo gusenga bakoresheje amasengesho bihimbiye ajyanye n'ibihe binyuranye (kurya, Kwiga, kubyuka,....</p>
<p><i>Ibipimo by'isuzuma: Umunyeshuri ashobora gusenga Imana akoresheje amasengesho by'ibanze n'amasengesho yitekerereje ubwe.</i></p>				
<p><i>Isano n'andi masomo:</i></p>				
<p><i>Imfashanyigisho: Amashusho, amafoto, Bibiliya n'ibitabo by'amasengesho n'ibindi</i></p>				

Imbumbanyigisho: Bibiliya n'Imyemerere		Icyigisho: Icyigurwa rya muntu		
Umwaka wa mbere: Iyobokamana rya Gikirisitu		Umutwe wa 3: Ingero/Intwari z'abizeye Imana		Umubare w'amasomo:10
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umunyeshuri azaba ashobora gusobanura neza imigenzereze myiza y'abizeye (abemeye) Imana baboneka muri Bibiliya.				
Intego y'ikigisho			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
-Gutanga ingero zimwe na zimwe z'abubashye Imana ziri muri Bibiliya. -Kuvuga ibikorwa by'urukundo o Yezu yakoze.	-Kwerekana akamaro ko kumvira Imana n'ingaruka kubatayumvira. -Gusobanura ibikorwa by'urukundo.	-Kubaha ababyeyi no gukurikiza imico myiza badutoza -Kurangwa n'umuco mwiza wo kubaha no gufasha abandi	-Kumvira Imana kwa Abeli intungane. -Ingororano ya Enoki. -Igihembo cya Nowa. -Igitangaza cyo mu bukwe bw'i Kana. -Yezu ahaza imigati abantu	-Kuganira mu matsinda no gusesengura neza inkuru basomewe ndetse no kuyitangaho ibitekerezo bijyane n'imyifatire mbonezabupfura ku nkuru yabigishije. -Gukina agakino kagaragaza ibitangaza Yezu yakoze bigaragaza ko ari Umwana w'Inama kandi bigaragaza impuhwe n'urukundo agirira abantu. -Gukina udukino twerekana

			barenga ibihumbi bitanu -Yezu akiza abarwayi.	ingaruka z'uburiganya mu buzima bwa buri muni n'ibihembo by'inyangamugayo mu bijyanye n'ubuzima bwa buri muni.
<i>Ihuriro n'andi masomo: Itozamuco (kumvira no kubaha).</i>				
<i>Ibipimo by'isuzuma: Umunyeshuri azashobora gusobanura neza imigenzo myiza y'abizeye (abemeye) Imana baboneka muri Bibiliya.</i>				
<i>Imfashanyigisho: Amashusho, amafoto, Bibiliya, Filimi zerekana imibereho myiza y'abantu bizeye Imana bo muri Bibiliya</i>				

Imbumbanyigisho: Indangagaciro za Gikirisitu		Icyigisho: Kubana mu Mahoro		
Umwaka wa 1: Iyobokamana rya Gikirisitu		Umutwewa 4: Kwimakaza amahoro		Umubare w'amasomo:8
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umunyeshuri azaba ashobora kuririmba no gukina imikino itandukanye igamije kubaka amahoro y'umutima				
Intego y'ikigisho			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	ubumenyigiro	Ubukeshya		
-Kurondora ibiranga amahoro y'umutima -Gufata mu mutwe indirimbo n'imikino by'amahoro	-Gukina udukino no kuririmba indirimbo bitanga ubutumwa bw'amahoro y'umutima	-Kwishimira abandi -Kutiheza no kudaheza abandi -Kudatesha agaciro ikiremwamuntu	-Inshoza y'amahoro. -Ibibuza amahoro umuntu. -Indirimbo z'amahoro. -Imikino yerekeye amahoro. -Imikino y'ubumwe n'amahoro.	-Gukorera mu matsinda baganira kandi basobanurirana icyo amahoro ari cyo ndetse n'ibimenyetso bigaragaza ko amahoro yabuze haba mu muryango ndetse no ku ishuri -Gukorera mu matsinda udukino twerekeye ku mahoro mu muryango.

				-Gukina udukino dutoza abana kugira uruhare mu bikorwa byoroheje bigamije kubungabunga amahoro, nko gufasha abandi, gukiza abarwanye, kunga abagiranye ibibazo, gusangira, kuganira, gufashanya
<i>Ihuriro n'andi masomo: Kuririmba, itozamuco</i>				
<i>Ibipimo by'isuzuma Umunyeshuri arashobora kuririmba no gukina imikino itandukanye igamije kubaka amahoro y'umutima</i>				
<i>Imfashanyigisho: Bibiliya, ibikoresho bisohora amajwi, ingoma, ibinyuguri, ibishushanyo</i>				

5.2 integanyanyigisho y'Iyobokamana rya Gikirisitu umwaka wa Kabiri

5.2.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Kwerekana ibigaragaza ko umuntu yaremwe mu ishusho y'Imana kandi asumbije agaciro ibindi biremwa bityo akiyubaha;
- Gusobanukirwa imizi yibyaha mu buzima bwa muntu no kuyirinda;
- Kugaragaza uburyo Umukiro Imana yateguriye abantu Yawucishije mu itorwa rya Abrahamu;
- Kugaragaza urukundo Imana yagaragarije Abayisiraheli mu Butayu bajya I Kanani;
- Kugaragaza uruhare rw'Imana mu itorwa ry'ubuyobozi bwa Israheli;
- Kurangwa n'urukundo rushyitse rw'Imana n'urwa mugenzi we;
- Gusesengura ubutumwa bw'amashusho n'amajwi hagamijwe kubaka amahoro y'umutima.

5.2.2 Imitwe igize integanyanyigisho y'Iyobokamana rya Gikirisitu umwaka wa kabiri

Imbumbanyigisho: Bibliya n'Imyemerere		Inyigisho: Kwigaragaza kw'Imana		
Umwaka wa 2: Iyobokamana rya Gikirisitu		Umutwe wa 1: Muntu yaremwe mu ishusho y'Imana		Umubare w'amasomo:6
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umunyeshuri azaba ashobora gusobanura itandukaniro riri hagati ya Muntu n'ibindi biremwa.				
Intego y'icyigisho			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<p>Kumenya agaciro ka Muntu mu ruhando rw'ibindi biremwa.</p> <p>Kumva neza urukundo rw'Imana mu iremwa rya muntu.</p>	<p>-Gusobanura itandukaniro hagati ya Muntu waremwe mu ishusho y'Imana n'ibindi biremwa.</p> <p>-Kugaragaza ibiranga ubuhangange bw'Imana mu bihe bitandukanye.</p>	<p>-Gukunda Imana, Kwiyubaha no kubaha abandi.</p> <p>-Kurangwa n'imigenzo myiza yo gufasha abandi, kubaka ubumwe mu bantu.</p>	<p>- Iremwa rya Muntu mu ishusho y'Imana.</p> <p>-Amazina agaragaza Imana mu Muco Nyarwanda.</p>	<p>-Kujyana abana mu matsinda aho bashobora kwitegereza ibindi biremwa ndetse bakaganira byimbitse ku mibereho yabyo bungurana ibitekerezo ku byo bihuriyeho ndetse bitandukaniraho n'abaantu.</p> <p>Gukina udukino tugaragaza ubuhangange bwa muntu haba mu bikorwa ndetse no mu bitekerezo baragaza ko ari we wahawe kugenga isi n'ibiyiraho bagaragaza ko kuba abantu badasa ku ishusho ari bamwe baremwe n'Imana imwe.</p>

			<ul style="list-style-type: none"> -Imana ni Umurenzi -Imana ni umubyeyi - Imana ni urukundo -Muntu umugenga w'ibyaremwe. 	<p>Kuganira mu matsinda ibintu byose bigaragaza ubuhangange bw'Imana mu buzima bwa buri muni bahereye ku byo babona mu miryango yabo cyangwa ku ishuri, ndetse no mu baturanyi.</p>
<i>Ihuriro n'andi masomo: ubumenyi bw'isi (Ibidukikije)</i>				
<i>Ibipimo by'isuzuma: Umunyeshuri azaba ashobora gusobanura itandukaniro riri hagati ya Muntu n'ibindi biremwa.</i>				
<i>Imfashanyigisho: Bibiliya,ibidukikije,ibishushanyo</i>				

Imbumbanyigisho: Bibliya n'imyemerere		Inyigisho: icyaha		
Umwaka wa 2: Iyobokamana rya Gikirisitu		Umutwe wa 2: Imizi y'icyaha		Umubare w'amasomo:8
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umunyeshuri azaba ashobora gusobanura icyaha n' imizi yacyo, kucyirinda no gufasha abandi kutakigwamo				
Intego y'icyigisho			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Kumenya no gusobanukirwa imizi y'icyaha mu buryo butandukanye. -Gusobanukirwa uko icyaha kiyongera mu gukura kwacyo.	-Gusobanura no kugaragaza imizi y'icyaha. -Kuvuga uko icyaha gikura iyo batacyihanye.	-Gushishoza no gufata icyemezo, Kwirinda ibishobora kutugusha mu cyaha, guhitamo inshuti nziza. -Kurangwa n'imyifatire myiza igaragaza uwihanye icyaha.	Ibisobanuro by'icyaha - Imizi y'ibyaha (Irari, umururumba, ishyari, ubwirasi, ubugugu, kwikunda, ubwibone...). -Ingaruka z'icyaha ku Mana no ku bantu (Urupfu, inzangano, kubura amahoro, ibihano, gutakaza). Uburyo bwo gukumira no kwirinda ibyaha.	-Kuganira mu matsinda ku ngaruka z'icyaha ku Mana no ku mibanire y'abantu bahereye mu miryango yabo. -Kujya mu matsinda mato bakaganira ku gitera abantu gukora ibyaha mu buzima bwa buri munsu ndetse n'uburyo bakoresha ngo birinde ibyaha. -Gukina udukino tugaragaza imizi yose

				y'ibyaha ibaho ndetse n'imigenzo mbonezabupfura yakoresha mu kurandura no kwirinda gutsinda imizi y'ibyaha.
<i>Ihuriro n'andi masomo: Imbonezamubano, itozamuco(imizi n'ingaruka by'icyaha)</i>				
<i>Ibipimo by'isuzuma: Umunyeshuri azaba ashobora gusobanura icyaha n' imizi yacyo, kucyirinda no gufasha abandi kutakigwamo.</i>				
<i>Imfashanyigisho: Bibiliya, filimi, amashusho.</i>				

Imbumbanyigisho: Bibiliya n'Imyemerere		Icyigisho: Icingurwa rya Muntu		
Umwaka wa kabiri: Iyobokamana rya Gikirisitu		Umutwe: Umugambi w'Imana mu gucungura umuntu		Umubare w'amasomo:10
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umunyeshuri azaba ashobora gusobanura uko Imana yujuje umugambi wabo wo gucungura abantu itora umuryango wa Israheli.				
Intego y'icyigisho			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> -Kumenya umugambi w'agakiza ka Muntu. -Gusobanukirwa n'urukundo rw'Imana Kuva kera. -Gufata mu mutwe incamake z'inkuru zivugwa muri Bibiliya zizwe. 	<ul style="list-style-type: none"> -Gusobanura uburyo Imana yakunze Muntu. -Kuvuga inkuru zikurikira; -Itorwa rya Aburahamu -Inkuru ya Yozefu n'izindi zizwe ziri mu isezerano rya kera n'irishya. 	<ul style="list-style-type: none"> -Kubabazwa no kwitangira abari mu kaga. -Kuzirikana k'umugambi w'icingurwa rya Muntu. 	<ul style="list-style-type: none"> -Itorwa rya Aburahamu inkuru ya Yozefu. -Imana ikura abayisiraheri mu Misiri. -Imana yagaragarije urukundo abayisiraheri mu butayu. -Inkuru ya Dawudi Imana yigaragarije mu mwana wayo Yezu. 	<ul style="list-style-type: none"> -Kuganira mu matsinda ku byo basomewe ku bijyane n'itorwa rya Abrahamu ndetse n'ibyo Imana yamusezeranije byose kugeza ukwemera kwe kwigaragrije mu gushaka gutamba umwana we w'ikinege Izaki. -Kuganira mu matsinda ku itorwa rya Musa ndetse n'imibereho y'Abayisiraheli mu Misiri, urugendo rwabo kuva mu Misiri kugera mu butayu.

				Kurema amatsinda mato bakaganira uko urukundo rw’Imana rwigaragaje Mu nkuru ya Dawudi na Goliyati ndetse n’icyo byashushanyaga.
<i>Ihuriro n’andi masomo: Amateka ku umuryango wa Isiraheli</i>				
<i>Ibipimo by’isuzuma: Umunyeshuri azaba ashobora gusobanura uko Imana yujuje umugambi wabo wo gucungura abantu itora umuryango wa Isiraheli.</i>				
<i>Imfashanyigisho: Bibiliya, filimi zerekana abantu bitangira abandi, amashusho.</i>				

Imbumbanyigisho: Indangagaciro za gikiristu		Icyigisho: Kubana mu mahoro		
Umwaka wa kabiri: Iyobokamana rya Gikirisitu		Umutwe wa 3: Isano iri hagati y'ubutumwa bw'Imana n'amahoro.		Umubare w'amasomo:8
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umunyeshuri azaba ashobora gusobanura isano iri hagati y'ubutumwa bw'Imana n'amahoro, no kwitabira ibikorwa by'amahoro.				
Intego y'icyigisho			Icyigishwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Kwerekana isano iri hagati y'ubutumwa bw'Imana n'amahoro. -Gufata mu mutwe Ingingo ntera hirwe "Hahirwa abatera amahoro bazitwa abana b'Imana".	-Kugaragaza uruhare rw'ubutumwa bw'Imana mu kubaka amahoro. -Gusobanura uburyo bwo kwimakaza amahoro hifashishijwe ubutumwa bw'Imana.	-Kuba mu matsinda Yimakaza amahoro. -Guhamagarira abandi kujya mu matsinda yimakaza umuco w'amahoro. -Kwamagana ibikorwa bibangamira amahoro.	-Igisobanuro ku butumwa Bw'Imana n'amahoro -Hahirwa abatera amahoro bazitwa abana b'Imana. -Amahoro n'ubutabera	-Kuganira mu matsinda ku nkuru yasomewe zerekeranye no kubana mu mahoro kandi tugaragaza ukuntu amahoro ari ryo shingiro ry'ubuzima bw'umukirisitu. -Gukina udukino tugaragaza ibikorwa by'amahoro bishingiye ku ijambo ry'Imana rigaragara muri Mt 5:1 ndetse n'isano iri hagati y'amahoro ndetse n'ubutumwa Imana iduha mu ijambo ryayo. -Gusesengura udukuru duto basomewe bagerageza gukuramo ibikorwa bitera amahoro

				byakozwemo kandi bakagaragaza uburyo byashyirwa mu bikorwa mu buzima busanzwe.
<i>Ihuriro n'andi masomo: Ubumenyimbonezamubano ku birebana n'amahoro</i>				
<i>Ibipimo by'isuzuma: Umunyeshuri azaba ashobora gusobanura isano iri hagati y'ubutumwa bw'Imana n'amahoro, no kwitabira ibikorwa by'amahoro.</i>				
<i>Imfashanyigisho: Bibiliya, filimi zerekana ibikorwa by'abantu bitangira amahoro, amashusho, Filimi ya yozefu, itorwa rya Abrahamu, Mosi na Yosefu, n'izabantu bitangira abandi.</i>				

UMWIHARIKO W'ABAKIRISITU GATORIKA

Imbumbanyigisho: Imyemerere no gusenga		Icyigisho: Ibikorwa by'Ubuyobokamana		
Umwaka wa kabiri: Iyobokamana rya Gikirisitu		Umutwe 1: Indangakwemera Gatorika n'Amasakaramentu y'ibanze		Umubare w'amasomo:
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umunyeshuri azaba ashobora kuvuga adategwa isengesho ry'indangakwemera no gusobanura akamaro k'amasakaramentu y'ibanze.				
Intego y'ikigisho			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
-Kumenya umubare w'ingingo zigize indangakwemera gatorika. -Kuvuga amasakaramentu y'ibanze.	-Gukurikiranya ingingo z'indangakwemera uko ari 12. -Gusobanura imbuto zironkerwa mu masakaramentu y'ibanze.	-Gusenga yifashishije indangakwemera. Kwitabira guhabwa amasakaramentu y'ibanze.	-Indangakwemera gatorika (credo de Nicee). -Amasakaramentu y'ibanze (batisimu, ukarisitiya, ugukomezwa).	-Umukino: Kwandika no gutoranya udupapuro turiho ingingo z'Indangakwemera bakatwomeka ku nkuta aho basoma bakurikiranye. -Gukora amatsinda bakagaragaza imbuto zironkerwa muri buri Sakaramentu.

Ihuriro n'andi masomo:amateka (umuryango w'abayisiraheri)

Ibipimo by'isuzuma: Umunyeshuri ashobora kuvuga isengesho ry'indangakwemera no gusobanura amasakaramentu y'ibanze.

Imfashanyigisho: Bibiliya,amashusho,amafoto,amazi,buji,amavuta, ibitambaro byera

5.3 integanyanyigisho y'Iyobokamana rya Gikirisitu umwaka wa Gatatu

5.3.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Kugaragaza ubutumwa Imana yahaye muntu nyuma yo kumurema uko bugaragara muri Bibiliya no kubugiramo uruhare;
- Kwirinda no kwicuza ibyaha ndetse no gukurikiza imigenzo mbonezabupfura ku ishuri no mu rugo;
- Kwiringira Yezu umunyampuhwe n'umukiza w'abantu mu buzima bwabo;
- Guharanira ubutungane no kwihanganira ibigeragezo (Yobu);
- Kubaha isengesho no gusenga mu buzima bwe avuga amasengesho y'ikoraniro;
- Gusobanura ingaruka zo kwiheza, guhezwa no kwigunga bibangamira amahoro y'umutima;
- Kurangwa n'urukundo, ubucuti, ubworoherane mu kubaka amahoro y'umutima.

5.3.2 Imitwe igize integanyanyigisho y'Iyobokamana rya Gikirisitu umwaka wa mbere

Imbumbanyigisho: Bibliya n'Imyemere		Inyigisho: Kwigaragaza kw'Imana		
Umwaka wa 3: Iyobokamana rya Gikirisitu		Umutwe 1: Imana imaze kurema muntu, imuha ubutumwa		Umubare w'amasomo:
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umunyeshuri azaba shobora kuvuga ubutumwa Imana yahaye Muntu nyuma yo kumurema, gukunda umurimo no kubaha abamukuriye				
Intego y'ikigisho			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyiringiro	Ubukeshya		
-Kuvuga ubutumwa Imana yahaye muntu imaze kumurema -Kumenya icyo Imana imuhamagarira gukora	-Gusobanura ubutumwa Imana yahaye muntu n'uko bugomba Gushyirwa mu bikorwa	-Gukora ibikorwa bigira isi nziza aho ari hose -Kwitabira amatsinda arengera ibidukikije	Ubutumwa Imana yahaye muntu: -Gukora no kugenga isi -kubyara no kororoka	Kujyana abana aho bashobora kwitegereza ibintu binyuranye maze bagatandukanya ibyaremwe n'Imana ndetse n'ibyakoze n'abantu. Nyuma bagasubiza bandika ibibazo mwarimu ababaza bishingiye ku nshingano z'umuntu ku isi -Kujya impaka ku bintu umuntu yakoze bitari byiza byangiza ubuzima bwe. No kugaragaza uruhare rw'umutimanama muzima mu gukora ibintu tubona ku isi. -Gusesengura mu matsinda udukuru (case studies) bagasesengura uruhare rw'umurimo

				mu gutunganya isi ndetse n'ingaruka zo gukoresha nabi iby'Imana yaduhaye ndetse n'uburenganzira bwa muntu bwo kubyaza umusarururo Iby'Imana yaremye
<i>Ihuriro n'andi masomo: Ubumenyi bw'isi (kwita ku bidukikije), uburere mboneragihugu (kubaha abakuru)</i>				
<i>Ibipimo by'isuzuma: umunyeshuri azaba ashobora kuvuga ubutumwa Imana yahaye Muntu nyuma yo kumurema, gukunda umurimo no kubaha abamukuriye.</i>				
<i>Imfashanyigisho: Bibiliya, ibikoresho bihangwa na muntu (iby'ikoranabuhanga, ibyo mu rugo, amafoto yerekana umuryango).</i>				

Imbumbanyigisho: Bibiliya n'inyemerere		Icyigisho: Icyaha		
Umwaka wa gatatu: Iyobokamana rya Gikirisitu		Umutwe wa 2: Kwirinda icyaha no gusaba imbabazi		Umubare w'amasomo: 6
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: umunyeshuri azaba ashobora gukora icyiza, gusaba imbabazi z'ikibi yakoze no gukurikiza imigenzo mbonezabupfura aho ari hose				
Intego y'ikigisho			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> -Gusobanura icyaha icyo ari cyo. -Kuvuga akamaro ko gusaba imbabazi. 	<ul style="list-style-type: none"> -Gusobanura uburyo bwo kwirinda icyaha. -Kugaragaza ingaruka z'icyaha. 	<ul style="list-style-type: none"> -Kwanga no kwirinda icyaha n'imizi yacyo mu buzima bwa buri muni. -Kubaho mu bupfura no -Gukurikiza amategeko y'Imana. 	<ul style="list-style-type: none"> -Ibyaha n'imizi yabyo -Uburyo bwo kwirinda icyaha -Ingaruka z'ibyaha -Uburyo bwo kwicuza ibyaha no gusaba imbabazi -Imigenzo mbonezabupfura itsinda imizi y'ibyaha 	<ul style="list-style-type: none"> -Gukora amatsinda abana baganira ku buryo bwimbitse ibijyanye n'igitera ibyaha mu bantu, buri muzi n'ibyaha utera ndetse n'ingamba zo kubikumira -Kuganira mu matsinda ibijyanye n'uburyo bwose bukoreshwa mu kugira ngo uwakoze ibyaha yiyunge n'Imana ndetse n'abo yahemukiye mu rwego rwo kwimakaza imibanire myiza -Gukina agakino kerekana Umugenzo mwiza wo gusaba imbabazi ndetse no kuzitanga,

				gukora icyiza nk'icyiru k'ikibi wakoreye undi ndetse no kwiyinga n'Imana
<i>Ihuriro n'andi masomo:ubumenyi mbonezamubano (kwirinda icyaha)</i>				
<i>Ibipimo by'isuzuma: umunyeshuri azaba ashobora gukora icyiza, gusaba imbabazi z'ikibi yakoze no gukurikiza imigenzo mbonezabupfura aho ari hose.</i>				
<i>Imfashanyigisho: Bibiliya, amashusho (umwana w'ikirara), amafoto y'itangwa rya penetensiya..</i>				

Imbumbanyigisho: Bibiliya n'Imyemerere		Icyigisho: Icyungurwa rya Muntu		
Umwaka wa gatatu: Iyobokamana rya Gikirisitu		Umutwe 3: Yezu umucunguzi w'abantu		Umubare w'amasomo: 6
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umunyeshuri azaba ashobora gusobanura imibereho ya Yezu nk'Umukiza n'Umucunguzi.				
Intego y'ikigisho			Ibyigwa	Ibikorwambonezamasomo
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
